(ii) kuba afite ubushobozi buke bw'ubwonko, uburwayi bwo mu mutwe cyangwa kwangirika k'ubwonko bitewe n'uburwayi cyangwa ihungabana; (p) “uhagarariye ukoresha serivisi z'ubuvuzi” hakubiyemo umwe muri aba bakurikira: (i) umubyeyi we; (ii) umwana we ufite imyaka y'ubukure; (iii) uwo bashyingiranywe; (iv) umuvandimwe we ufite imyaka y'ubukure; (v) umurera wemewe n'amategeko; (vi) undi wagenwa mu bushishozi bw'ikigo cy'ubuvuzi mu nyungu z'ukoresha serivisi z'ubuvuzi.	(ii) having an intellectual disability, mental illness or brain damage resulting from illness or trauma; (p) “healthcare service user's representative” includes any of the following persons: (i) his or her parent; (ii) his or her child having attained the age of majority; (iii) his or her spouse; (iv) his or her sibling having attained the age of majority; (v) his or her legal custodian; (vi) any other person who may be designated by the healthcare facility at its discretion in the best interests of the healthcare service user.	(ii) présenter une déficience intellectuelle, une maladie mentale ou une lésion cérébrale acquise à la suite d'une maladie ou d'un traumatisme ; (p) « représentant d'un usager des services de soins de santé » comprend l'une des personnes suivantes : (i) son parent ; (ii) son enfant ayant atteint l'âge de la majorité ; (iii) son époux ; (iv) membre de sa fratrie ayant atteint l'âge de la majorité ; (v) personne ayant sa garde légale ; (vi) toute autre personne que l'établissement de santé peut, à sa discrétion, désigner dans le meilleur intérêt de l'utilisateur des services de soins de santé.
--	--	---

(q) “ukora umwuga wo kuvura” bivuga umuntu wanditswe kandi wahawe uruhushya n’urugaga rw’abakora umwuga wo kuvura kugira ngo atange serivisi z’ubuvuzi;	(q) “healthcare professional” means a person who is registered and licensed by a healthcare professional council to provide healthcare services;	(q) « professionnel de santé » signifie une personne inscrite et ayant une licence obtenue auprès d’un ordre professionnel de santé en vue de fournir les services de soins de santé ;
(r) “ukoresha serivisi z’ubuvuzi” bivuga umuntu uhabwa serivisi z’ubuvuzi;	(r) “healthcare service user” means a person who receives healthcare services;	(r) « usager des services de soins de santé » signifie une personne bénéficiant des services de soins de santé ;
(s) “ukwiyemerera” bivuga kwemera ku bushake guhabwa serivisi y’ubuvuzi k’ukoresha serivisi z’ubuvuzi cyangwa umuhagarariye nyuma yo gusobanurirwa no kumva neza imiterere ya serivisi y’ubuvuzi agiye guhabwa, uko bikorwa, uburenganzira bwe, inshingano ze, ingaruka n’inyungu bishobora guturuka kuri iyo serivisi y’ubuvuzi agiye guhabwa;	(s) “consent” means a voluntary agreement by a healthcare service user or his or her representative to receive a healthcare service, after having been informed of, and clearly understood, the type of healthcare service he or she is about to receive, the process for receiving it, his or her rights and obligations and the potential risks and benefits of such a healthcare service he or she is about to receive;	(s) « consentement » signifie un accord volontaire donné par un usager des services de soins de santé ou son représentant pour recevoir un service de soins de santé après avoir été informé et avoir clairement compris le type de service de soins de santé qu’il s’apprête à recevoir, le processus de réception de ce service, ses droits et obligations ainsi que les risques et avantages potentiels liés à ce service de soins de santé qu’il s’apprête à recevoir ;
(t) “umujyanama w’ubuzima” bivuga umuntu uhabwa amahugurwa kugira ngo yunganire urwego rw’ubuzima mu guha abaturatione serivisi z’ubuvuzi bw’ibanze;	(t) “community health worker” means a person trained to support the health sector in providing the community with primary healthcare services;	(t) « agent de santé communautaire » signifie une personne formée pour épauler le secteur de la santé dans la fourniture des services de soins de santé primaires à la communauté ;

(u) “umurwayi” bivuga ukoresha serivisi z’ubuvuzi ufite uburwayi cyangwa igikomere haba ku mubiri cyangwa mu mutwe byemejwe n’ukora umwuga wo kuvura; (v) “umwuga wo kuvura” bivuga umwuga ukubiyemo umurimo wo gutanga serivisi z’ubuvuzi no guteza imbere ubuzima; (w) “urugaga rw’abakora umwuga wo kuvura” bivuga urwego rushyiraho amabwiriza agena uburyo bwo gusuzuma ubumenyi ngiro n’ubushobozi ukora umwuga wo kuvura agomba kuba afite n’amahame ngengamyitwarire bijyanye n’inshingano zarwo, rushinzwe kwandika no gutanga uruhushya ku bakora umwuga wo kuvura bafite impamyabumenyi n’ubushobozi bisabwa kandi rukagenzura ko bawukora mu buryo bunoze; (x) “uwemerewe gutwitirwa” bivuga abashyingiranywe cyangwa undi muntu byemejwe	(u) “patient” means a healthcare service user who is ill or injured either physically or mentally, as confirmed by a healthcare professional; (v) “healthcare profession” means an occupation involving the provision of healthcare services and health promotion; (w) “healthcare professional council” means a body that sets rules for assessing the practical skills and capacities required of a healthcare professional and the ethical principles related to its responsibilities, which is responsible for registering and licensing healthcare professionals with required qualifications and capacities, and oversees the effective practice of their profession; (x) “commissioning parent” means spouses or any other individual diagnosed by a healthcare	(u) « patient » signifie un usager des services de soins de santé qui est malade ou blessé physiquement ou mentalement tel que constaté par un professionnel de santé ; (v) « profession de santé » signifie un métier consistant en la fourniture des services de soins de santé et de la promotion de la santé ; (w) « ordre professionnel de santé » signifie un organe qui établit les règles d’évaluation des compétences pratiques et des capacités requises d’un professionnel de santé et les principes déontologiques relevant de ses attributions, assure l’inscription des professionnels de santé ayant les qualifications et capacités requises et la délivrance de licences à ces derniers, et supervise l’exercice efficace de leur profession ; (x) « parent commanditaire » signifie des époux ou tout autre individu ayant été diagnostiqués
---	--	--

n'ukora umwuga wo kuvura ko badashobora kororoka mu buryo busanzwe, basaba gutwitirwa hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi; (y) “uwemerewe gutwitira undi” bivuga umugore wemera gutwita hadakoreshejwe intanga ze no kubyarira uwemerewe gutwitirwa hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi akamuha umwana akivuka. <u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko</u> Iri tegeko rireba serivisi z'ubuvuzi zitangwa n'ukora umwuga wo kuvura n'izitangwa n'umujyanama w'ubuzima. <u>Ingingo ya 4: Intego ya serivisi z'ubuvuzi</u> Intego ya serivisi z'ubuvuzi ni uko zigerwaho	professional as unable to reproduce naturally and who seek to have a pregnancy carried on their behalf through digital health and medical technology; (y) “surrogate mother” means a woman who agrees, without using her own gametes, to carry a pregnancy and give birth to a child on behalf of a commissioning parent through digital health and medical technology, and to hand over the child to the commissioning parent immediately after birth. <u>Article 3: Scope of application of this Law</u> This Law applies to healthcare services provided by a healthcare professional and to those provided by a community health worker. <u>Article 4: Objective of healthcare services</u> The objective of healthcare services is to	par un professionnel de santé comme étant incapables de procréer naturellement et souhaitant faire porter une grossesse pour leur compte au moyen de la santé numérique et de la technologie médicale ; (y) « mère porteuse » signifie une femme qui accepte, sans utiliser ses propres gamètes, de porter une grossesse et d'accoucher d'un enfant pour le compte d'un parent commanditaire au moyen de la santé numérique et de la technologie médicale et de remettre l'enfant audit parent immédiatement après la naissance. <u>Article 3 : Champ d'application de la présente loi</u> La présente loi s'applique aux services de soins de santé fournis par un professionnel de santé et à ceux fournis par un agent de santé communautaire. <u>Article 4 : Objectif des services de soins de santé</u> L'objectif des services de soins de santé est de
--	---	--

n'abazikeneye, zifite ireme kandi zijyanye n'igihe.	ensure they are accessible, of high-quality and up-to-date.	garantir qu'ils soient accessibles, de haute qualité et à jour.
<u>UMUTWE WA II: IMITANGIRE YA SERIVISI Z'UBUVUZI</u>	<u>CHAPTER II: PROVISION OF HEALTHCARE SERVICES</u>	<u>CHAPITRE II : FOURNITURE DES SERVICES DE SOINS DE SANTÉ</u>
<u>Icyiciro cya mbere: Serivisi z'ubuvuzi muri rusange</u>	<u>Section One: Healthcare services in general</u>	<u>Section première : Services de soins de santé en général</u>
<u>Ingingo ya 5: Inzego za serivisi z'ubuvuzi</u>	<u>Article 5: Levels of healthcare services</u>	<u>Article 5 : Niveaux des services de soins de santé</u>
(1) Serivisi z'ubuvuzi ziri mu nzego zikurikira:	(1) Healthcare services are classified into the following levels:	(1) Les services de soins de santé sont classés en niveaux suivants :
(a) ubuvuzi bw'ibanze;	(a) primary healthcare;	(a) soins de santé primaires ;
(b) ubuvuzi bwisumbuye;	(b) secondary healthcare;	(b) soins de santé secondaires ;
(c) ubuvuzi bw'ikirenga.	(c) tertiary healthcare.	(c) soins de santé tertiaires.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena serivisi z'ubuvuzi zitangwa kuri buri rwego rw'ubuvuzi.	(2) An Order of the Minister determines healthcare services provided at each healthcare level.	(2) Un arrêté du Ministre détermine les services de soins de santé fournis à chaque niveau des soins de santé.
<u>Ingingo ya 6: Aho serivisi z'ubuvuzi zitangirwa</u>	<u>Article 6: Place of provision of healthcare services</u>	<u>Article 6 : Lieu de fourniture des services de soins de santé</u>
(1) Serivisi z'ubuvuzi zitangirwa mu kigo cy'ubuvuzi, uretse aho ukoresha serivisi z'ubuvuzi agana umujyanama	(1) Healthcare services are provided in a healthcare facility, except where a healthcare service user consults a	(1) Les services de soins de santé sont fournis au sein d'un établissement de santé, sauf lorsqu'un usager des services de soins de

w'ubuzima. (2) Serivisi z'ubuvuzi zishobora gutangirwa hanze y'ikigo cy'ubuvuzi byemejwe na Minisiteri. <u>Ingingo ya 7: Kudahagarara kwa serivisi z'ubuvuzi</u> Serivisi z'ubuvuzi zitangwa buri muni, amasaha 24 kuri 24. Icyakora, serivisi z'ubuvuzi zishobora gutangwa amasaha ari muni ya 24 bitewe n'uruhushya rwo gutanga serivisi z'ubuvuzi ikigo cy'ubuvuzi cyahawe. <u>Ingingo ya 8: Kuvura umurwayi aba mu kigo cy'ubuvuzi</u> Ukora umwuga wo kuvura ashobora kwemeza ko umurwayi avurwa aba mu kigo cy'ubuvuzi bitewe na serivisi z'ubuvuzi akeneye. Kuvura umurwayi aba mu kigo cy'ubuvuzi bikorerwa mu kigo cy'ubuvuzi cyabihereye uruhushya.	community healthcare worker. (2) Healthcare services may be provided outside a healthcare facility upon approval by the Ministry. <u>Article 7: Continuity of healthcare services</u> Healthcare services are provided 24 hours a day, every day. However, healthcare services may be provided for less than 24 hours, depending on the licence to provide healthcare services issued to the healthcare facility. <u>Article 8: Admission of a patient to a health facility for treatment</u> A healthcare professional may decide the admission of a patient to a healthcare facility for treatment based on the healthcare services the patient requires. The admission takes place in a healthcare facility that is licensed to that effect.	santé consulte un agent de santé communautaire. (2) Les services de soins de santé peuvent être fournis en dehors d'un établissement de santé après approbation du Ministère. <u>Article 7 : Continuité des services de soins de santé</u> Les services de soins de santé sont assurés tous les jours, 24 heures sur 24. Toutefois, les services de soins de santé peuvent être assurés pour une durée inférieure à 24 heures en fonction de la licence de fourniture des services de soins de santé délivrée à l'établissement de santé. <u>Article 8 : Admission d'un patient dans un établissement de santé pour traitement</u> Un professionnel de santé peut décider l'admission d'un patient dans un établissement de santé pour son traitement en fonction des soins de santé dont celui-ci a besoin. L'admission se fait dans un établissement de santé ayant obtenu une licence à cet effet.
---	---	---

<u>Ingingo ya 9: Guha umwana ukivuka ikirango n'icyemezo cy'amavuko</u> (1) Ukora umwuga wo kuvura aha umwana ukivuka ikirango na kode yihariye ihuye n'iy'uwamubyaye kugira ngo hirindwe kwitiranya abana bakivuka. Icyo kirango gishyirwaho amazina y'uwamubyaye, itariki n'igihe yavukiye. (2) Ukora umwuga wo kuvura aha kandi umwana ukivuka icyemezo cy'amavuko.	<u>Article 9: Newborn tagging and birth certificate issuance</u> (1) A healthcare professional assigns a tag and a unique code to the newborn matching those of the mother in order to prevent any newborn identification mix-ups. The tag includes the mother's name, as well as the newborn's date and time of birth. (2) A healthcare professional also issues a birth certificate for the newborn.	<u>Article 9 : Attribution d'une étiquette et délivrance de certificat pour nouveau-né</u> (1) Un professionnel de santé attribue à un nouveau-né une étiquette d'identification et un code unique correspondant à ceux de la mère, afin d'éviter toute erreur d'identification de nouveau-nés. Cette étiquette porte les noms de la mère, la date et l'heure de naissance du nouveau-né. (2) Un professionnel de santé délivre également un certificat de naissance pour le nouveau-né.
<u>Ingingo ya 10: Kohereza ukoresha serivisi z'ubuvuzi ku kindi kigo cy'ubuvuzi cyangwa mu yindi serivisi</u> (1) Ikigo cy'ubuvuzi cyohereza ukoresha serivisi z'ubuvuzi ku kindi kigo cy'ubuvuzi gifite serivisi z'ubuvuzi akeneye icyo kigo cy'ubuvuzi kimwohereje kitashoboye kumuha. (2) Ikigo cy'ubuvuzi gishobora kohereza ukoresha serivisi z'ubuvuzi ku rwego ruri muni y'urwego yavurirwagaho kugira ngo ahakomereze ubuvuzi.	<u>Article 10: Referral of a healthcare service user to another healthcare facility or unit</u> (1) A healthcare facility refers a healthcare service user to another healthcare facility that provides healthcare services he or she requires but which the referring healthcare facility is unable to provide to him or her. (2) A healthcare facility may counter-refer a healthcare service user from his or her current level of healthcare to the lower level of healthcare for the continuation of his or her healthcare.	<u>Article 10 : Référence d'un usager des services de soins de santé vers un autre établissement de santé ou un autre service</u> (1) Un établissement de santé réfère un usager des services de soins de santé vers un autre établissement de santé qui offre les services de soins de santé dont il a besoin, que l'établissement référent n'est pas en mesure de lui fournir. (2) Un établissement de santé peut contre-référer un usager des services de soins de santé depuis son niveau actuel de soins de santé vers le niveau inférieur de soins de santé pour la poursuite de ses soins de santé.

(3) Ukoresha serivisi z'ubuvuzi woherejwe ku kindi kigo cy'ubuvuzi ahabwa inyandiko imwohereza ikubiyemo amakuru y'uburwayi bwe, amateka y'ubuzima bwe arebana n'ubuvuzi, serivisi z'ubuvuzi yahawe n'impamvu yo koherezwa. (4) Mu kigo kimwe cy'ubuvuzi, ukoresha serivisi z'ubuvuzi ashobora kuva muri serivisi imwe akoherezwa mu yindi bitewe na serivisi y'ubuvuzi akeneye. Icyo gihe hakorwa inyandiko iherekeza ukoresha serivisi z'ubuvuzi isobanura impamvu yo koherezwa.	(3) A healthcare service user referred to another healthcare facility is provided with referral documentation containing information on his or her medical condition, medical history, healthcare services already received and the reason for the referral. (4) Within the same healthcare facility, a healthcare service user may be referred from one unit to another depending on the type of healthcare service he or she requires. In such a case, a document is prepared to accompany him or her that outlines the reason for the referral.	(3) Un usager des services de soins de santé référé vers un autre établissement de santé reçoit une documentation de référence contenant des informations sur sa condition médicale, ses antécédents médicaux, les services de soins de santé déjà reçus et le motif de la référence. (4) Au sein d'un même établissement de santé, un usager des services de soins de santé peut être référé d'un service vers un autre en fonction du service de soins de santé dont il a besoin. Dans ce cas, il est établi un document l'accompagnant et précisant le motif de la référence.
<u>Ingingo ya 11:</u> Gusezerera ukoresha serivisi z'ubuvuzi (1) Ukora umwuga wo kuvura usezereye ukoresha serivisi z'ubuvuzi ahita amuha raporo imusezerera cyangwa igahabwa umuhagarariye. (2) Raporo yo gusezerera ukoresha serivisi z'ubuvuzi igaragaza – (a) incamake y'imiterere y'ubuzima bw'ukoresha serivisi z'ubuvuzi, serivisi z'ubuvuzi n'imiti yahawe;	<u>Article 11:</u> Discharging a healthcare service user (1) A healthcare professional who discharges a healthcare service user immediately provides a discharge report to him or her or to his or her representative. (2) The healthcare service user's discharge report presents – (a) a summary of the health status of the healthcare service user, healthcare services and medications he or she received; and	<u>Article 11:</u> Autorisation de sortie d'un usager des services de soins de santé (1) Un professionnel de santé qui autorise la sortie d'un usager des services de soins de santé remet immédiatement un rapport de sortie à celui-ci ou à son représentant. (2) Le rapport de sortie de l'usager des services de soins de santé présente – (a) un résumé de l'état de santé de l'usager des services de soins de santé, les services de soins de santé et médicaments qu'il a reçus ; et

(b) n'impamvu zatumaze akomeza gukurikiranwa, inama n'amabwiriza yo gukomeza ubuvuzi, iyo bihari. (3) Raporo yo gusezerera ukoresha serivisi z'ubuvuzi igomba kuba yanditse muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi ariko ukoresha serivisi z'ubuvuzi cyangwa umuhagarariye agasobanurirwa ibiyikubiyemo.	(b) possible reasons for the continuation of his or her care, advice and instructions for ongoing healthcare, if any. (3) The discharge report for a healthcare service user must be written in one of the official languages, and its contents is explained to the healthcare service user or his or her representative.	(b) les motifs éventuels de la poursuite de sa prise en charge, les conseils et les instructions pour des soins de santé continus, le cas échéant. (3) Le rapport d'autorisation de sortie d'un usager des services de soins de santé doit être rédigé dans l'une des langues officielles, et son contenu expliqué à l'usager des services de soins de santé ou à son représentant.
<u>Ingingo ya 12: Kwemeza urupfu</u> (1) Ukora umwuga wo kuvura ubifitiye ububasha, nyuma yo gusuzuma uguhagarara burundu kw'imikorere yose y'umubiri w'umuntu, yemeza urupfu kandi akandika mu ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi igihe urupfu rwabereye n'icyaruteye. (2) Ukora umwuga wo kuvura akora kandi kopi ebyiri z'icyemezo cy'urupfu cyerekana ibisobanuro birambuye ku bijyanye n'imiterere y'uburwayi, icyataye urupfu n'ibikorwa byose by'ubutabazi cyangwa ubuvuzi byakorewe ukoresha serivisi z'ubuvuzi upfuye. Kopi imwe ihabwa umuryango w'uwapfuye indi ikabikwa n'ikigo cy'ubuvuzi ku buryo amakuru ashobora kuboneka, igihe yakenerwa.	<u>Article 12: Confirmation of death</u> (1) A competent health professional, after checking for irreversible cessation of all signs of life of the human body, confirms the death and fills out the healthcare service user's file, specifying the time and cause of death. (2) A health professional also prepares a death certificate in two copies indicating the details about the medical condition, cause of death, and any relevant medical interventions or healthcare provided to the deceased healthcare service user. One copy is given to the family of the deceased person while the other is retained by the healthcare facility for future reference, if needed.	<u>Article 12 : Constat de décès</u> (1) Un professionnel de santé compétent, après vérification de l'arrêt irréversible de tous les signes de vie du corps humain, constate le décès et remplit le dossier d'un usager des services de soins de santé, en précisant l'heure et la cause du décès. (2) Un professionnel de santé établit également un certificat de décès en deux exemplaires indiquant les détails sur la condition médicale, la cause du décès ainsi que les interventions ou soins de santé prodigués à l'usager des services de soins de santé décédé. Un exemplaire est remis à la famille de la personne décédée, tandis que l'autre est conservé par l'établissement de santé pour référence ultérieure, en cas de besoin.

(3) Nyuma yo kwemeza urupfu no gukora icyemezo cy'urupfu, ukora umwuga wo kuvura yohereza umubiri w'umuntu wapfuye mu buruhukiro igihe umuryango we utiteguye guhita uwutwara. (4) Umubiri w'umuntu wapfuye woherejwe mu buruhukiro ushyirwaho ikirango kigaragaza amazina n'imyaka bye, itariki n'isaha yapfiriye, gihambiriyeho neza ku bujana bw'ukuboko cyangwa ubw'ukuguru cyangwa ku ino kugira ngo byoroshye kugaragara no kugerwaho. (5) Iyo umubiri w'umuntu wapfuye udafite amaguru n'amaboko, ukora umwuga wo kuvura ashyira ikirango ku kindi gice cy'umubiri.	(3) After confirmation of death and preparation of the death certificate, a healthcare professional transfers the body of a deceased person to the mortuary if his or her family is not ready to collect it immediately. (4) The body of a deceased person transferred to the mortuary is affixed with an identifier indicating his or her names and age as well as the date and time of his or her death, securely attached around the wrist, ankle or on the toe, to ensure easy visibility and accessibility. (5) When the body of a deceased person is missing legs and arms, the healthcare professional affixes the identifier to another part of the body.	(3) Après avoir constaté le décès et établi le certificat de décès, un professionnel de santé transfère à la morgue le corps de la personne décédée si sa famille n'est pas prête à le récupérer immédiatement. (4) Il est, au corps d'une personne décédée transféré à la morgue, apposé un identifiant indiquant ses noms et son âge ainsi que la date et l'heure de son décès, solidement fixé autour du poignet, de la cheville ou sur l'orteil, pour en assurer une visibilité et une accessibilité faciles. (5) Lorsque le corps d'une personne décédée est dépourvu de jambes et de bras, le professionnel de santé appose l'identifiant sur une autre partie du corps.
<u>Ingingo ya 13: Umugore upfuye atwite</u> (1) Mu gihe umugore apfuye atwite inda igejeje nibura ku byumweru 22 ariko umwana akiri muzima, ukora umwuga wo kuvura wemeje urupfu rwe yihutira gukora ibishoboka byose kugira ngo arokore ubuzima bw'umwana. Iyo umwana yapfiriye mu nda atandukanywa na nyina. (2) Iyo umugore apfuye atwite inda iri munsu	<u>Article 13: Deceased pregnant woman</u> (1) When a woman dies while at least 22 weeks pregnant and the foetus is still alive, the healthcare professional having confirmed her death immediately takes all necessary steps to save the foetus's life. If the foetus has died in the womb, it is separated from the mother. (2) When a woman dies while less than 22	<u>Article 13 : Femme enceinte décédée</u> (1) Lorsqu'une femme décède alors qu'elle est enceinte depuis au moins 22 semaines et que le fœtus est encore en vie, le professionnel de santé ayant constaté son décès prend immédiatement toutes les mesures nécessaires pour sauver la vie du fœtus. Si le fœtus est déjà mort in utero, il est alors séparé de la mère. (2) Lorsqu'une femme décède alors qu'elle

y'ibyumweru 22, umubiri we ntutandukanywa n'uw'umwana yari atwite. <u>Ingingo ya 14:</u> Umugore utwite umwana yamupfiriye mu nda Ukora umwuga wo kuvura usuzumye umugore utwite akemeza ko umwana atwite yapfiriye mu nda, amuha ubufasha bwihuse bwo kumubyaaza kugira ngo harengerwe ubuzima bwe hakurikijwe amabwiriza y'ubuvuzi abigenga. <u>Ingingo ya 15:</u> Isuzuma ry'icyateye urupfu Iyo bisabwe n'ufitanye isano n'umuntu wapfuye ishingiyeye ku buvandimwe, uwo bashyingiranywe, umurera wemewe n'amategeko cyangwa urwego rubifitiye ububasha, ukora umwuga wo kuvura ubifitiye ububasha akora isuzuma ry'umubiri w'umuntu wapfuye, hagamijwe kumenya icyateye urupfu. <u>Ingingo ya 16:</u> Gushyikiriza umuryango umubiri w'umuntu wapfuye (1) Mbere yo gushyikiriza umuryango umubiri w'umuntu wapfuye, ukora umwuga wo kuvura abanza kugenzura umwirondoro we no kureba ko ibisabwa	weeks pregnant, her body is not separated from the foetus. <u>Article 14:</u> Intrauterine foetal demise A healthcare professional who examines a pregnant woman and confirms that the foetus has died in the womb provides her with immediate obstetric care to preserve her life in accordance with applicable healthcare regulations. <u>Article 15:</u> Post-mortem examination Upon request from a person related to the deceased person by kinship, his or her spouse, his or her legal custodian or a competent organ, a competent healthcare professional conducts a post-mortem examination of the body of a deceased person to determine the cause of death. <u>Article 16:</u> Handover of the body of a deceased person to the family (1) Before handing over the body of a deceased person to the family, a healthcare professional verifies the deceased person's identity and ensures all procedural	enceinte depuis moins de 22 semaines, son corps n'est pas séparé de celui du fœtus. <u>Article 14 :</u> Mort fœtale intra-utérine Un professionnel de santé qui examine une femme enceinte et constate que le fœtus est mort in utero, il lui fournit des soins obstétricaux immédiats pour préserver sa vie conformément aux réglementations en matière de soins de santé applicables. <u>Article 15 :</u> Examen post mortem Sur demande d'une personne ayant un lien de parenté avec la personne décédée, de son époux, de la personne ayant sa garde légale ou d'un organe compétent, un professionnel de santé compétent effectue un examen post mortem du corps d'une personne décédée pour établir la cause du décès. <u>Article 16 :</u> Remise du corps d'une personne décédée à la famille (1) Avant de remettre le corps d'une personne décédée à la famille, un professionnel de santé vérifie l'identité de la personne décédée et s'assure que toutes les exigences
---	---	---

byose byuzuye hakurikijwe amabwiriza y'ubuvuzi abigenga.	requirements are fulfilled, in accordance with applicable healthcare regulations.	procédurales sont respectées, conformément aux réglementations en matière de soins de santé applicables.
(2) Ukora umwuga wo kuvura ashyikiriza umubiri w'umuntu wapfuye umwe mu bagize umuryango we. icyakora, iyo havutse amakimbarane ashingiye ku kumenya ufite uburenganzira bwo gushyikirizwa umubiri w'umuntu wapfuye, ikigo cy'ubuvuzi gifatanyije n'ubuyobozi bw'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione ikigo cy'ubuvuzi gihereyemo bagena uwushyikirizwa.	(2) A healthcare professional hands over the body of a deceased person to his or her family member. However, in the event of a dispute over who has the right to have the body of a deceased person handed over to him or her, the healthcare facility, in collaboration with the decentralised administrative entity of the place where it is located, determines to whom it is handed over.	(2) Un professionnel de santé remet le corps d'une personne décédée à un membre de sa famille. Toutefois, en cas de litige concernant la personne ayant le droit de se faire remettre le corps d'une personne décédée, l'établissement de santé, en collaboration avec l'entité administrative décentralisée de son lieu de situation, détermine la personne à qui le corps est remis.
(3) Mu bushishozi bw'ikigo cy'ubuvuzi ku bufatanye n'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione ikigo cy'ubuvuzi gihereyemo, umubiri w'umuntu wapfuye ushobora gushyikirizwa umuntu ugaragaza ubushake bwo kuwushyingura iyo nta muntu n'umwe mu bagize umuryango we ubonetse ngo awushyikirizwe.	(3) At the discretion of the healthcare facility and in collaboration with the decentralised administrative entity of the place where it is located, the body of a deceased person may be handed over to any person who expresses the will to bury it, in the absence of any family member to whom it can be handed over.	(3) À la discrétion de l'établissement de santé et en collaboration avec l'entité administrative décentralisée de son lieu de situation, le corps d'une personne décédée peut être remis à toute personne manifestant la volonté de l'inhumer, si aucun membre de sa famille n'est disponible pour se le faire remettre.
(4) Ushyikirijwe umubiri w'umuntu wapfuye abanza kuwugenzura, agashyira igikumwe cyangwa umukono ku nyandiko yemeza ko awushyikirijwe.	(4) The person to whom the body of a deceased person is handed over first inspects it, and fingerprints or signs a document acknowledging receipt thereof.	(4) La personne à qui le corps d'une personne décédée est remis procède d'abord à son inspection, puis appose son empreinte digitale ou sa signature sur un document en accusant réception.

<u>Ingingo ya 17: Iyakirwa n’imicungire by’umubiri w’umuntu wapfuye woherejwe mu buruhukiro</u> (1) Ukora umwuga wo kuvura wita ku mibiri y’abantu bapfuye mu buruhukiro wakiriye umubiri w’umuntu wapfuye, ukihagera agenzura inyandiko ikubiyemo umwirondoro n’ibindi bisabwa hakurikijwe amategeko n’imirongo ngenderwaho mu buvuzi. (2) Umubiri w’umuntu wapfuye wakiriwe mu buruhukiro wandikwa mu gitabo cyabugenewe cyandikwamo nibura – (a) amazina y’umuntu wapfuye, imyaka ye, icyateye urupfu, igihugu, Akarere n’Umurenge yakomokagamo; (b) amazina y’ukora umwuga wo kuvura wemeje urupfu; (c) amazina y’uwazanye umubiri w’umuntu wapfuye mu buruhukiro; (d) n’amazina y’uwakiriye umubiri w’umuntu wapfuye.	<u>Article 17: Receipt and handling of the body of a deceased person transferred to the mortuary</u> (1) A healthcare professional in charge of the care of bodies of deceased persons in the mortuary who receives the body of a deceased person verifies, upon arrival of the body, a document containing identification and other requirements in accordance with laws and healthcare protocols. (2) The body of a deceased person received in the mortuary is recorded in an appropriate register in which entry is made of at least – (a) the deceased person’s names, age, cause of death, country, district and sector of origin; (b) the names of the healthcare professional having confirmed the death; (c) the names of the person having brought the body of a deceased person to the mortuary; and (d) the names of the person having received the body of a deceased person.	<u>Article 17 : Réception et prise en charge du corps d’une personne décédée transféré à la morgue</u> (1) Un professionnel de santé responsable de la prise en charge des corps des personnes décédées dans la morgue qui reçoit le corps vérifie, à l’arrivée du corps d’une personne décédée, le document qui contient l’identification et d’autres exigences conformément aux lois et aux protocoles en matière de soins de santé. (2) Le corps d’une personne décédée reçu en morgue est inscrit dans un registre prévu à cet effet dans lequel il est consigné au moins – (a) les noms, l’âge, la cause du décès, le pays, le district et le secteur d’origine de la personne décédée ; (b) les noms du professionnel de santé ayant constaté le décès ; (c) les noms de la personne ayant emmené à la morgue le corps d’une personne décédée ; et (d) les noms de la personne ayant reçu le corps d’une personne décédée.
--	--	--

(3) Iyo ibiteganywa mu gika cya (2)(a) bitabonetse, ukora umwuga wo kuvura wakiriye umubiri w'umuntu wapfuye, yandika ibiranga imiterere y'umubiri w'umuntu wapfuye yakiriye harimo, uburebure n'ikigero cy'imyaka. (4) Umubiri w'umuntu wapfuye ubikwa mu buryo buwurinda kwangirika binyuze mu kuwukorera igenzura rihoraho kugira ngo hatabaho ishanguka ry'umubiri ryihuse.	(3) When the details provided for under Paragraph (2)(a) are not available, the healthcare professional who receives the body of a deceased person records the physical characteristics of the body of a deceased person received, including height and estimated age. (4) The body of a deceased person is preserved under conditions that ensure protection against deterioration, through constant check aimed at preventing rapid decomposition.	(3) Lorsque les détails prévus au paragraphe (2)(a) ne sont pas disponibles, le professionnel de santé qui reçoit le corps d'une personne décédée consigne les caractéristiques physiques du corps d'une personne décédée qu'il a reçu, y compris la taille et l'âge estimé. (4) Le corps d'une personne décédée est conservé dans des conditions garantissant sa protection contre la détérioration, par un contrôle constant visant à empêcher une décomposition rapide.
<u>Ingingo ya 18: Gushyingura umubiri w'umuntu wapfuye wabuze bene wo</u> (1) Umubiri w'umuntu wapfuye wabuze bene wo ushobora gushyingurwa n'ikigo cy'ubuvuzi iyo kimaze gukora ibi bikurikira: (a) kumenyesha ishami ry'urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano rikorera mu ifasi y'aho giherereye mu gihe kitarenze amasaha 24 hemejwe urupfu, kugira ngo rigire icyo ribivugaho; (b) gutanga itangazo mu gihe kitarenze	<u>Article 18: Burial of unclaimed body of a deceased person</u> (1) The unclaimed body of a deceased person may be buried by the healthcare facility after doing the following: (a) to notify, within 24 hours of the death being confirmed, the station of the organ in charge of investigation in whose jurisdiction the healthcare facility is located, in order for it to provide a formal opinion; (b) make, within 24 hours of the death being	<u>Article 18: Inhumation d'un corps non réclamé d'une personne décédée</u> (1) Le corps non réclamé d'une personne décédée peut être inhumé par l'établissement de santé après avoir fait ce qui suit : (a) en donner notification à la station de l'organe ayant l'enquête dans ses attributions dans le ressort de laquelle se trouve l'établissement de santé, dans les 24 heures suivant le constat du décès, pour qu'elle puisse donner un avis formel ; (b) faire passer, dans les 24 heures suivant

amasaha 24 hemejwe urupfu kuri radiyo yumvwa na benshi mu Rwanda rikanyuzwaho nibura inshuro eshatu no muri kimwe mu binyamakuru byandika gikorera mu Rwanda gisomwa na benshi; (c) gutegereza ko hashira iminsi irindwi ibarwa uherye ku munsu wa mbere itangazo ryatangiweho. (2) Iyo ishami ry'urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano ritagize icyo rivuga mu gihe cy'iminsi irindwi ibarwa uherye ku munsu rwamenyesherejweho, ikigo cy'ubuvuzi gishyingura umubiri w'umuntu wapfuye wabuze bene wo. (3) Igihe cy'iminsi irindwi giteganywa muri iyi ngingo gishobora kutageraho iyo umubiri w'umuntu wapfuye bigaragara ko wangiritse cyane byemejwe mu nyandiko n'ukora umwuga wo kuvura.	confirmed, an announcement which is aired at least three times on a radio station with a wide reach in Rwanda and published in one of the most widely circulated newspapers based in Rwanda; (c) to wait until the expiry of a period of seven days from the first day on which the announcement is made. (2) If the station of the organ in charge of investigation does not provide a formal opinion within seven days from the date of being notified, the healthcare facility proceeds with the burial of the unclaimed body of a deceased person. (3) The seven-day period provided for under this Article may be shortened when it appears that the body of a deceased person has severely deteriorated, as confirmed in writing by a healthcare professional.	le constat du décès, une annonce diffusée au moins trois fois sur une station de radio qui touche un large public au Rwanda et publiée dans l'un des journaux les plus largement diffusés basés au Rwanda ; (c) attendre l'expiration d'un délai de sept jours à compter du premier jour où l'annonce est passée. (2) Lorsque la station de l'organe ayant l'enquête dans ses attributions ne se prononce pas dans un délai de sept jours à compter du jour de notification, l'établissement de santé procède à l'inhumation du corps non réclamé d'une personne décédée. (3) Le délai de sept jours prévu au présent article peut être réduit lorsqu'il apparaît que le corps d'une personne décédée présente une détérioration sévère, telle que constatée par écrit par un professionnel de santé.
<u>Ingingo ya 19: Raporo y'ubuvuzi yuzuye</u> Iyo bisabwe n'ukoresha serivisi z'ubuvuzi cyangwa umuhagarariye, ikigo cy'ubuvuzi gitanga raporo y'ubuvuzi yuzuye ikubiyemo serivisi zose z'ubuvuzi n'impamvu zatanze	<u>Article 19: Comprehensive medical report</u> Upon request from a healthcare service user or his or her representative, a healthcare facility provides a comprehensive medical report outlining all healthcare services provided, the	<u>Article 19 : Rapport médical complet</u> Sur demande d'un usager des services de soins de santé ou de son représentant, un établissement de santé fournit un rapport médical complet contenant l'ensemble des

n'uko ubuzima bw'ukoresha serivisi z'ubuvuzi buhagaze. Iyo raporo y'ubuvuzi yuzuye itangwa mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi ibarwa uherye ku munsu cyayisabiweho. <u>Ingingo ya 20:</u> Inyandiko y'impuguke mu by'ubuvuzi (1) Inyandiko y'impuguke mu by'ubuvuzi itangwa n'ikigo cy'ubuvuzi cyangwa impuguke mu by'ubuvuzi bisabwe mu nyandiko n'urwego rubifitiye ububasha. (2) Impuguke mu by'ubuvuzi ikora inyandiko y'impuguke mu by'ubuvuzi ikubiyemo amakuru areba ukoresha serivisi z'ubuvuzi, kugira ngo afashe urwego rwayisabye gusobanukirwa amakuru y'ubuvuzi cyangwa kuyashingiraho mu gufata icyemezo ku kibazo gisuzumwa. <u>Icyiciro cya 2:</u> Serivisi z'ubuvuzi zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu <u>Ingingo ya 21:</u> Serivisi z'ubuvuzi zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu Serivisi z'ubuvuzi zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu zikubiyemo –	justification for those services, and the current health status of the healthcare service user. The comprehensive medical report is provided within five working days of the date of request thereof. <u>Article 20:</u> Medical expert statement (1) A medical expert statement is issued by a healthcare facility or a medical expert upon written request from the competent organ. (2) A medical expert prepares a medical expert statement containing information about a healthcare service user, in order to assist the requesting organ in understanding the healthcare information or using it to make a decision on the case under review. <u>Section 2:</u> Healthcare services related to human reproductive health <u>Article 21:</u> Healthcare services related to human reproductive health Healthcare services related to human reproductive health include –	services de soins de santé fournis, la justification de ces services et l'état de santé actuel de l'utilisateur des services de soins de santé. Ce rapport médical complet est fourni dans les cinq jours ouvrables à compter de la date où il en est fait la demande. <u>Article 20 :</u> Rapport d'expertise médicale (1) Un rapport d'expertise médicale est délivré par un établissement de santé ou par un expert médical sur demande écrite de l'organe compétent. (2) Un expert médical rédige un rapport d'expertise médicale contenant des informations concernant un usager des services de soins de santé, afin d'aider l'organe requérant à comprendre ces informations concernant les soins de santé ou à les utiliser pour prendre une décision sur le dossier en cours d'examen. <u>Section 2 :</u> Services de soins de santé liés à la santé de la reproduction humaine <u>Article 21 :</u> Services de soins de santé liés à la santé de la reproduction humaine Les services de soins de santé liés à la santé de la reproduction humaine comprennent –
--	--	--

(a) kwita ku buzima bw'umubyeyi utwite, mu gihe cyo kubyara na nyuma yo kubyara; (b) kwita ku buzima bw'umwana ukivuka; (c) kuboneza urubyaro; (d) gukumira no kuvura indwara zandurira mu myanya ndangagitsina; (e) gukumira no kuvura izindi ndwara zihungabanya ubuzima bw'imyororokere y'abantu; (f) gukumira no kwita ku bibazo byo kororoka; (g) gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku warikorewe; (h) no gukora ubukangurambaga mu rwego rwo guhindura imyumvire ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu. <u>Ingingo ya 22:</u> Kubika, gukoresha intanga cyangwa urusoro (1) Kubika, gukoresha intanga cyangwa	(a) antenatal, labour and postnatal care; (b) care of the newborn; (c) family planning; (d) the prevention and treatment of sexually transmitted infections; (e) the prevention and treatment of other diseases that affect human reproductive health; (f) the prevention and treatment of infertility; (g) the prevention of gender-based violence and care for the victim; and (h) raising awareness for attitudinal change about human reproductive health. <u>Article 22:</u> Storage, use of a gamete or embryo (1) The storage, use of a gamete or embryo for	(a) les soins prénatals, intrapartum et postnatals ; (b) les soins au nouveau-né ; (c) la planification familiale ; (d) la prévention et le traitement des infections sexuellement transmissibles ; (e) la prévention et le traitement d'autres maladies qui affectent la santé de la reproduction humaine ; (f) la prévention et le traitement de l'infertilité ; (g) la prévention de la violence basée sur le genre et la prise en charge de la victime ; et (h) la sensibilisation pour le changement d'attitudes concernant la santé de la reproduction humaine. <u>Article 22 :</u> Conservation, utilisation d'un gamète ou d'un embryon (1) La conservation, l'utilisation d'un gamète
--	--	---

urusoro kugira ngo byifashishwe mu gutanga serivisi z'ubuvuzi zerekeye kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi, bikorwa n'ikigo cy'ubuvuzi cyabiherewe uruhushya.	use thereof in the provision of healthcare services related to assisted reproductive technology are carried out by a healthcare facility licensed to that effect.	ou d'un embryon pour son utilisation dans la fourniture des services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée sont effectuées par un établissement de santé ayant obtenu une licence à cet effet.
(2) Ushaka ko intanga cyangwa urusoro bye bibikwa kugira ngo bizakoreshe mu gihe kizaza abisaba ikigo cy'ubuvuzi mu nyandiko bigakorwa hakurikijwe amategeko abigenga.	(2) A person who wishes to have his or her gamete or embryo stored for future use thereof makes a written request to that effect to a healthcare facility, which storage is done in accordance with relevant laws.	(2) Une personne souhaitant faire conserver son gamète ou son embryon pour son utilisation ultérieure en fait une demande écrite adressée à un établissement de santé, laquelle conservation se fait conformément à la législation en la matière.
(3) Intanga cyangwa urusoro bibikwa mu kigo cy'ubuvuzi mu gihe cy'imyaka icumi. icyakora, igihe icyo ari cyo cyose uwasabye ko intanga cyangwa urusoro bibikwa ashobora gusaba ko bidakomeza kubikwa.	(3) The gamete or embryo is stored at the healthcare facility for a period of ten years. However, the person having requested the gamete or embryo to be stored may at any time request that the storage be discontinued.	(3) Le gamète ou l'embryon est conservé dans l'établissement de santé pendant une période de dix ans. Toutefois, la personne ayant demandé la conservation du gamète ou de l'embryon peut, à tout moment, demander la cessation de cette conservation.
(4) Iyo uwasabye ko intanga cyangwa urusoro bibikwa atishyuye ikiguzi cyagenwe, ikigo cy'ubuvuzi ntigikomeza kubibika.	(4) If the person having requested gamete or embryo storage does not pay the prescribed fee, the healthcare facility ceases the storage.	(4) Si la personne ayant demandé la conservation du gamète ou de l'embryon ne s'acquitte pas des frais prescrits, l'établissement de santé en cesse la conservation.
(5) Iteka rya Minisitiri rigena ikiguzi cyishyurwa ikigo cy'ubuvuzi kibika intanga cyangwa urusoro.	(5) An Order of the Minister determines the fee paid to a healthcare facility that stores a gamete or embryo.	(5) Un arrêté du Ministre détermine les frais payés à un établissement de santé qui conserve un gamète ou un embryon.

<u>Ingingo ya 23:</u> Abemerewe gukoresha uburyo bwo kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi (1) Abashyingiranywe cyangwa undi muntu byemejwe n'ukora umwuga wo kuvura ko badashobora kororoka mu buryo busanzwe ni bo bemerewe kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi. (2) Iteka rya Minisitiri rishyiraho Komite ishinze gukurikirana ibikorwa byo kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi rikanagena imiterere n'imikorere byayo. <u>Ingingo ya 24:</u> Ukora umwuga wo kuvura wemerewe gutanga serivisi z'ubuvuzi zifasha kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi Serivisi z'ubuvuzi zifasha kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi zitangwa n'ukora umwuga wo kuvura ubifitiye ububasha harimo inzobere mu buvuzi bw'imyororokere y'abantu cyangwa inzobere mu buvuzi bw'indwara z'abagore yahawe amahugurwa yemewe mu buhanga bw'imyororokere.	<u>Article 23:</u> Persons eligible for assisted reproductive technology (1) Only spouses or any other individual who have been diagnosed by a healthcare professional as unable to reproduce naturally are permitted to reproduce through assisted reproductive technology. (2) An Order of the Minister establishes a Committee in charge of the supervision of assisted reproductive technology services and determines its structure and functioning. <u>Article 24:</u> Qualified healthcare professional to provide healthcare services related to assisted reproductive technology Healthcare services related to assisted reproductive technology are provided by a competent healthcare professional, including a reproductive endocrinology specialist or an obstetrician-gynaecologist with accredited training in reproductive techniques.	<u>Article 23:</u> Personnes admissibles à la procréation médicalement assistée (1) Seuls les époux ou toute autre individu ayant été diagnostiqués par un professionnel de santé comme étant incapables de procréer naturellement sont autorisés à procréer au moyen de la procréation médicalement assistée. (2) Un arrêté du Ministre établit un Comité chargé de la supervision des services de procréation médicalement assistée et détermine sa structure et son fonctionnement. <u>Article 24:</u> Professionnel de santé qualifié pour fournir les services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée Les services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée sont fournis par un professionnel de santé compétent, y compris un spécialiste en endocrinologie reproductive ou un obstétricien-gynécologue possédant une formation accréditée en techniques de la reproduction.
---	---	---

<u>Ingingo ya 25: Ibisabwa utanga intanga cyangwa urusoro</u>	<u>Article 25: Requirements for gamete or embryo donor</u>	<u>Article 25 : Exigences pour un donneur de gamète ou d’embryon</u>
(1) Utanga intanga cyangwa urusoro kugira ngo bihabwe uwemerewe kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuizi, asabwa – (a) gushyira igikumwe cyangwa umukono ku nyandiko y’ukwiyemerera; (b) gutanga umwirondoro we wuzuye; (c) kuba afite nibura imyaka 21 y’amavuko; (d) no kuba yarakorewe isuzuma ryuzuye ry’indwara n’iry’ibijyanye n’imyororokere rigaragaza ko ashobora gutanga intanga. (2) Umuntu ufite nibura imyaka 18 y’amavuko ariko utaragira imyaka 21 y’amavuko ashobora kwemererwa gutanga intanga ku mpamvu zumvikana iyo abisabye Minisitiri mu nyandiko. (3) Iteka rya Minisitiri rigena imyaka ntarengwa ku utanga intanga.	(1) The donor of a gamete or embryo intended for a person eligible for assisted reproductive technology is required – (a) to fingerprint or sign a consent form; (b) to provide his or her full identity; (c) to be at least 21 years of age; and (d) to have undergone a comprehensive medical and genetic examination confirming his or her fitness to donate a gamete. (2) A person who is at least 18 years of age but under 21 years of age may be permitted to donate a gamete for legitimate reasons if he or she files a written request to that effect to the Minister. (3) An Order of the Minister determines the maximum allowable age for a gamete donor.	(1) Le donneur d’un gamète ou d’un embryon destiné à une personne admissible à la procréation médicalement assistée est tenu de – (a) apposer son empreinte digitale ou sa signature sur un formulaire de consentement ; (b) donner son identité complète ; (c) être âgé d’au moins 21 ans ; et (d) avoir subi un examen médical et génétique complet qui confirme son aptitude à donner un gamète. (2) Une personne âgée d’au moins 18 ans mais de moins de 21 ans peut être autorisée à donner un gamète pour des motifs légitimes si elle en fait une demande écrite adressée au Ministre. (3) Un arrêté du Ministre fixe l’âge maximal autorisé pour un donneur de gamète.

<u>Ingingo ya 26: Ibisabwa uhabwa intanga cyangwa urusoro</u> Uhabwa intanga cyangwa urusoro hagamijwe kumufasha kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi, asabwa – (a) gushyira igikumwe cyangwa umukono ku nyandiko y’ukwiyemerera; (b) kuba afite nibura imyaka 21 y’amavuko; (c) no kuba yarakorewe isuzuma ryuzuye ry’indwara n’iry’ibijyanye n’imyorokere rigaragaza ko adashobora kororoka mu buryo busanzwe.	<u>Article 26: Requirements for gamete or embryo recipient</u> The recipient of a gamete or embryo intended to help reproduce through assisted reproductive technology is required – (a) to fingerprint or sign a consent form; (b) to be at least 21 years of age; and (c) to have undergone a comprehensive medical and genetic examination confirming his or her inability to reproduce naturally.	<u>Article 26 : Exigences pour un receveur de gamète ou d’embryon</u> Le receveur d’un gamète ou d’un embryon destiné à l’aider à procréer au moyen de la procréation médicalement assistée est tenu de– (a) apposer son empreinte digitale ou sa signature sur un formulaire de consentement ; (b) être âgé d’au moins 21 ans ; et (c) avoir subi un examen médical et génétique complet qui confirme son incapacité à procréer naturellement.
<u>Ingingo ya 27: Ibisabwa uwemerewe gutwitira undi</u> (1) Uwemerewe gutwitira undi asabwa – (a) kuba afite nibura imyaka 21 ariko atarengeje imyaka 40 y’amavuko; (b) kuba yarabashije gutwita kugeza abyaye nta kibazo; (c) no kuba isuzumwa yakorewe n’ukora	<u>Article 27: Requirements for a surrogate mother</u> (1) A surrogate mother is required – (a) to be at least 21 years of age and not older than 40; (b) to have previously conceived and carried a pregnancy to term without complications; and (c) to have undergone a medical	<u>Article 27 : Exigences pour une mère porteuse</u> (1) Une mère porteuse est tenue de – (a) être âgée d’au moins 21 ans et d’au plus 40 ans ; (b) avoir antérieurement conçu et mené à terme une grossesse sans complications ; et (c) avoir subi un examen médical réalisé

umwuga wo kuvura rigaragaza ko afite ubuzima bwiza ku buryo ashobora gutwita no kubyara nta kibazo. (2) Iteka rya Minisitiri rigena inshuro zo gutwita uwemerewe gutwitira undi atarenza n'uburyo akorerwa isuzumwa rigaragaza ko afite ubuzima bwiza. <u>Ingingo ya 28: Inshingano z'uwemerewe gutwitirwa</u> Uwemerewe gutwitirwa afite inshingano zikurikira: (a) kwishakira umutwitira; (b) kwishyura ikiguzi cya serivisi z'ubuvuzi kijyanye no gutwitira undi kugeza ku byumweru bitandatu nyuma yo kubyara; (c) kwishyura ikiguzi cya serivisi z'ubuvuzi ku ngaruka zishobora kuba ku wemeye kumutwitira byemejwe n'ukora umwuga wo kuvura; (d) kwemera ikizava mu gutwita.	examination performed on her by a healthcare professional, which confirms that she is in sufficiently good health to conceive and give birth without complications. (2) An Order of the Minister specifies the maximum allowable number of pregnancies for a surrogate mother and procedures for a medical examination required to confirm her good health. <u>Article 28: Obligations of a commissioning parent</u> A commissioning parent has the following obligations: (a) to find a surrogate mother on his or her own; (b) to cover the cost of healthcare services related to surrogacy up to six weeks after childbirth; (c) to cover the cost of healthcare services for potential effects on the surrogate mother as determined by a healthcare professional; (d) to accept the outcome of the pregnancy.	sur elle par un professionnel de santé qui confirme qu'elle est en assez bonne santé pour concevoir et accoucher sans complications. (2) Un arrêté du Ministre fixe le nombre maximal de grossesses autorisées pour une mère porteuse ainsi que les modalités d'un examen médical requis pour confirmer son bon état de santé. <u>Article 28: Obligations d'un parent commanditaire</u> Un parent commanditaire a les obligations suivantes : (a) trouver lui-même une mère porteuse ; (b) couvrir le coût des services de soins de santé lié à la gestation pour autrui jusqu'à six semaines après l'accouchement ; (c) couvrir le coût des services de soins de santé liés à des effets potentiels sur la mère porteuse, tels que déterminés par un professionnel de santé ; (d) accepter le résultat de la grossesse.
---	--	---

<u>Ingingo ya 29: Inshingano z’uwemerewe gutwitira undi</u> Uwemerewe gutwitira undi afite inshingano zikurikira: (a) gutwita no gukurikiza inama na serivisi z’ubuvuzi ahabwa n’ukora umwuga wo kuvura; (b) kwirinda ibikorwa n’imyitwarire bishobora gushyira mu kaga ubuzima bwe n’ubw’umwana atwite; (c) kumenyesha mu buryo buhoraho usaba gutwitirwa amakuru ku buzima bwe cyangwa ubw’umwana atwite; (d) guha uwemerewe gutwitirwa umwana akimara kumubyara.	<u>Article 29: Obligations of a surrogate mother</u> A surrogate mother has the following obligations: (a) to carry the pregnancy and adhere to advice and healthcare services provided by a healthcare professional; (b) to avoid activities and behaviours that may endanger her life and that of the foetus; (c) to regularly update the commissioning parent on the status of her health and that of the foetus; (d) to hand over the child to the commissioning parent immediately after childbirth.	<u>Article 29: Obligations d’une mère porteuse</u> Une mère porteuse a les obligations suivantes : (a) porter la grossesse et suivre les conseils et les services de soins de santé qui lui sont fournis par un professionnel de santé ; (b) éviter les activités et les comportements susceptibles de mettre en danger sa vie et celle du fœtus ; (c) informer régulièrement le parent commanditaire de son état de santé et de celui du fœtus ; (d) remettre l’enfant au parent commanditaire immédiatement après l’accouchement.
<u>Ingingo ya 30: Amasezerano hagati y’uwemerewe gutwitirwa n’uwemerewe gutwitira undi</u> (1) Uwemerewe gutwitirwa n’uwemeye kumutwitira bakorana amasezerano imbere ya noteri mbere yo guhabwa serivisi y’ubuvuzi yo gutwitira undi. (2) Iteka rya Minisitiri rigena iby’ingenzi bikubiye mu masezerano akorwa hagati	<u>Article 30: Contract between a commissioning parent and a surrogate mother</u> (1) A commissioning parent enters into a contract with the surrogate mother before the notary, prior to receiving a surrogacy healthcare service. (2) An Order of the Minister determines the	<u>Article 30: Contrat entre un parent commanditaire et une mère porteuse</u> (1) Un parent commanditaire conclut un contrat avec une mère porteuse devant le notaire, avant de recevoir un service de soins de santé lié à la gestation pour autrui. (2) Un arrêté du Ministre détermine les clauses essentielles du contrat conclu entre un

y'uwemerewe gutwitirwa n'uwemerewe gutwitira undi. <u>Ingingo ya 31:</u> Ibibujijwe ku birebana na serivisi z'ubuvuzi zifasha kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi Serivisi z'ubuvuzi zifasha kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi zirabujijwe muri ibi bikurikira: (a) guhindura utunyangingo tw'umuntu; (b) guhitamo igitsina cy'umwana uzavuka; (c) gukoresha intanga cyangwa urusoro hatagaragara umwirondoro wuzuye w'uwabitanze; (d) gutanga intanga cyangwa urusoro bikomoka ku muntu umwe ku bemerewe kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi barenze umwe; (e) kugura cyangwa kugurisha intanga cyangwa urusoro; (f) kugura cyangwa kugurisha serivisi yo gutwitira undi;	essential terms of the contract entered into between a commissioning parent and a surrogate mother. <u>Article 31:</u> Prohibited acts with respect to healthcare services related to assisted reproductive technology services Healthcare services related to assisted reproductive technology are prohibited for the following purposes: (a) modifying human genes; (b) selecting the sex of the unborn child; (c) using a gamete or embryo without full donor identification; (d) supplying a gamete or embryo from a single donor to more than one person eligible for assisted reproductive technology; (e) purchasing or selling a gamete or embryo; (f) purchasing or selling a surrogacy service;	parent commanditaire et une mère porteuse. <u>Article 31 :</u> Actes interdits en matière de services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée Les services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée sont interdits aux fins suivantes : (a) modifier les gènes humains ; (b) sélectionner le sexe de l'enfant à naître ; (c) utiliser un gamète ou un embryon sans identification complète du donneur ; (d) fournir un gamète ou un embryon provenant d'un seul donneur à plusieurs personnes admissibles à la procréation médicalement assistée ; (e) acheter ou vendre un gamète ou un embryon ; (f) acheter ou vendre un service de gestation pour autrui ;
---	--	--

Official Gazette n° Special of 18/09/2025

(g) gukoresha intanga hagamijwe gukora urusoro uwatanze iyo ntanga atabyiyemereye;	(g) using a gamete for the purpose of creating an embryo without the consent of the gamete donor;	(g) utiliser un gamète pour créer un embryon sans le consentement du donneur de ce gamète ;
(h) gutanga intanga y'umwe mu bashyingiranywe undi atabyemeye;	(h) donating a gamete of one spouse without the other spouse's consent;	(h) donner un gamète d'un époux sans le consentement de l'autre époux ;
(i) guha intanga cyangwa urusoro umwe mu bashyingiranywe undi atabyemeye;	(i) donating a gamete or embryo to one spouse without the other spouse's consent;	(i) donner un gamète ou un embryon à l'un des époux sans le consentement de l'autre époux ;
(j) gutwitira undi cyangwa gusaba gutwitirwa uwo bashyingiranywe atabyemeye;	(j) carrying a pregnancy for another person or seeking surrogacy without the other spouse's consent;	(j) porter une grossesse pour le compte d'autrui ou recourir à la gestation pour autrui sans le consentement de l'autre époux ;
(k) gukoresha intanga cyangwa urusoro nyuma y'urupfu rw'ababitanze, uretse iyo biyemereye mu nyandiko ko bishobora gukoresha batakiraho cyangwa ari umwe mu bashyingiranywe ushaka kubikoresha;	(k) using a gamete or embryo after the death of the donors, unless there is a written consent permitting use thereof after their death or if one of the spouses wishes to use it;	(k) utiliser un gamète ou un embryon après le décès des donneurs, à moins qu'ils n'aient consenti par écrit à ce qu'ils soient utilisés après leur décès ou si l'un des époux souhaite l'utiliser ;
(l) guhuza intanga z'abantu bafitanye isano ishingiyeye ku buvandimwe itaziguye;	(l) fertilising gametes of persons in direct line kinship;	(l) procéder à la fécondation des gamètes de personnes ayant un lien de parenté en ligne directe ;
(m) guhuza intanga z'abantu bafitanye isano ishingiyeye ku buvandimwe iziguye kugeza ku gisanira cya karindwi ;	(m) fertilising gametes of persons related in collateral line kinship up to the seventh degree;	(m) procéder à la fécondation des gamètes de personnes ayant un lien de parenté en ligne collatérale jusqu'au septième degré ;

(n) gutanga cyangwa kwakira intanga kugira ngo ihuzwe n'iy'umuntu mufitanye isano ishingiyeye ku buvandimwe itaziguye; (o) gutanga cyangwa kwakira intanga kugira ngo ihuzwe n'iy'umuntu mufitanye isano ishingiyeye ku buvandimwe iziguye kugeza ku gisanira cya karindwi ; (p) gushyira mu myanya myibarukiro y'umugore intanga cyangwa urusoro bitari iby'umuntu; (q) gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga intanga cyangwa urusoro, uretse igihe Minisiteri itanze mu nyandiko uruhushya rwihariye. <u>Icyiciro cya 3: Serivisi z'ubuvuzi zihariye zihabwa ufite uburwayi bwo mu mutwe</u> <u>Ingingo ya 32: Gushyira mu kigo cy'ubuvuzi ukekwa cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe atabyiyemereye</u> (1) Ukekwa cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe ashobora gushyirwa mu kigo cy'ubuvuzi atabyiyemereye mu gihe	(n) donating or receiving a gamete for the purpose of fertilising it with the gamete of a person in direct line kinship; (o) donating or receiving a gamete for the purpose of fertilising it with the gamete of a person related in collateral line kinship up to the seventh degree; (p) placing a nonhuman gamete or embryo into female genital organs; (q) importing or exporting a gamete or embryo, unless specifically authorised in writing by the Ministry. <u>Section 3: Specific healthcare services for a person diagnosed with a mental health condition</u> <u>Article 32: Involuntary admission to a health facility for a person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition</u> (1) A person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition may be subject to involuntary admission to a healthcare	(n) donner ou recevoir un gamète en vue de sa fécondation avec celui d'une personne avec laquelle on a un lien de parenté en ligne directe ; (o) donner ou recevoir un gamète en vue de sa fécondation avec celui d'une personne avec laquelle on a un lien de parenté en ligne collatérale jusqu'au septième degré ; (p) implanter un gamète ou un embryon non humain dans les organes génitaux féminins ; (q) importer ou exporter un gamète ou un embryon, sauf autorisation écrite spécifique du Ministère. <u>Section 3 : Services de soins de santé particuliers pour une personne ayant reçu un diagnostic de trouble mental</u> <u>Article 32 : Admission involontaire dans un établissement de santé pour une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier</u> (1) Une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier peut faire l'objet d'une
--	--	--

kitarenze amasaha 48 kugira ngo akorerwe isuzuma ry'ubuzima ry'ibanze hemezwe ikibazo afite n'uburyo bwo kumwitaho. Icyakora, ukora umwuga wo kuvura ashobora kwemeza ko ufite uburwayi bwo mu mutwe akomeza kuvurwa ari mu kigo cy'ubuvuzi mu gihe kitarenze iminsi 30 ishobora kongerwa hashingiwe ku isuzumwa rikorwa n'ukora umwuga wo kuvura.	facility for a maximum of 48 hours in order to conduct a preliminary health evaluation intended to identify his or her condition and appropriate course of care. However, a healthcare professional may determine that a person diagnosed with a mental health condition should remain admitted to a health facility for a maximum of 30 days, which may be extended following an evaluation conducted by a health professional.	admission involontaire dans un établissement de santé pour une durée maximale de 48 heures afin de réaliser une évaluation préliminaire de santé visant à identifier sa condition et une prise en charge appropriée. Toutefois, un professionnel de santé peut décider qu'une personne ayant reçu un diagnostic de trouble mental continue à être admise dans un établissement de santé pour une durée maximale de 30 jours qui peut être prolongée à la suite d'une évaluation réalisée par un professionnel de santé.
(2) Ukora umwuga wo kuvura asuzuma ko ukekwa cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe yujuje ibigenderwaho kugira ngo ashirwe mu kigo cy'ubuvuzi atabiyemereye, birimo kugaragaza ibishobora kumuteza ibyago cyangwa kubiteza abandi, kutabasha kwiyitaho cyangwa kutabasha kwifatira icyemezo.	(2) The healthcare professional assesses whether the person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition meets the criteria for involuntary admission to a healthcare facility, which include posing a risk of self-harm or harm to others, being unable to care for himself or herself, or lacking the capacity to decide for himself or herself.	(2) Le professionnel de santé évalue si la personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier répond aux critères d'admission involontaire, dans un établissement de santé, notamment si elle présente un risque de se faire du mal ou de faire du mal à autrui, si elle est incapable de prendre soin d'elle-même ou incapable de prendre elle-même une décision.
<u>Ingingo ya 33:</u> Uwemerewe gusabira ukekwa cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe gushirwa mu kigo cy'ubuvuzi atabiyemereye	<u>Article 33:</u> Person authorised to request involuntary admission to a healthcare facility for a person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition	<u>Article 33 :</u> Personne autorisée à demander l'admission involontaire dans un établissement de santé pour une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier
(1) Ukekwa cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe ashobora gusabirwa	(1) A person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition may be admitted	(1) Une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic

Official Gazette n° Special of 18/09/2025

gushyirwa mu kigo cy'ubuvuzi atabiyemereye n'umwe muri aba bakurikira: (a) urwego rw'umutekano; (b) urwego rw'ubutabera; (c) urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione; (d) ukora umwuga wo kuvura ufite impamvu yemeza ko ukekwa cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe akwiye kuvurwa aba mu kigo cy'ubuvuzi; (e) umujyanama w'ubuzima; (f) uwo bashyingiranywe; (g) umubyeyi we; (h) umwana we ufite nibura imyaka 18 y'amavuko; (i) uwo babana; (j) umwishingizi;	involuntarily to a healthcare facility upon request from any of the following: (a) a security organ; (b) a judicial organ; (c) a decentralised administrative entity; (d) a healthcare professional who has grounds to believe that a person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition should receive treatment while admitted to a healthcare facility; (e) a community health worker; (f) his or her spouse; (g) his or her parent; (h) his or her child who is at least 18 years of age; (i) a person with whom he or she shares the residence; (j) a guardian;	de ce dernier peut être admise involontairement dans un établissement de santé sur demande de l'un de ceux qui suit : (a) organe de sécurité ; (b) organe judiciaire ; (c) entité administrative décentralisée ; (d) un professionnel de santé ayant des motifs de croire qu'une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier devrait recevoir un traitement tout en étant admise dans un établissement de santé ; (e) un agent de santé communautaire ; (f) son époux ; (g) son parent ; (h) son enfant âgé d'au moins 18 ans ; (i) une personne avec laquelle elle partage la résidence ; (j) un tuteur ;
---	--	---

(k) umurwaza; (l) undi muntu wo mu muryango we ufite nibura imyaka 18 y'amavuko. (2) Usaba ko ukekwa cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe ashyirwa mu kigo cy'ubuvuzi atabiyemereye agaragaza mu nyandiko impamvu ashingiraho abisaba. <u>Ingingo ya 34: Uburyo bwo kwita ku murwayi ufite uburwayi bwo mu mutwe ushobora gushyira ubuzima bwe cyangwa ubw'abandi mu kaga</u> (1) Umurwayi ufite uburwayi bwo mu mutwe ushobora gushyira ubuzima bwe cyangwa ubw'abandi mu kaga, nyuma yo gusuzumwa, ukora umwuga wo kuvura ashobora – (a) kumuha imiti imugabanyiriza ububabare cyangwa imufasha gutuza; (b) kumushyira ahantu ha wenyine hagamijwe kurinda umutekano we n'uw'abandi; (c) cyangwa kumufasha gutuza	(k) a patient attendant; (l) any other family member who is at least 18 years of age. (2) A person requesting involuntary admission to a healthcare facility for a person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition provides a written justification for his or her request. <u>Article 34: Techniques for caring for a patient diagnosed with a mental health condition who may endanger his or her own life or that of others</u> (1) Following the consultation of a patient diagnosed with a mental health condition who may endanger his or her own life or that of others, a healthcare professional may – (a) administer medication to him or her to alleviate his or her discomfort or help him or her calm down; (b) place him or her in isolation to ensure his or her safety and that of others; or (c) help him or her calm down by use of	(k) un garde-malade ; (l) tout autre membre de sa famille âgé d'au moins 18 ans. (2) Une personne demandant l'admission involontaire dans un établissement de santé pour une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier fournit une justification écrite de sa demande. <u>Article 34 : Techniques de prise en charge d'un patient ayant reçu un diagnostic de trouble mental pouvant mettre en danger sa propre vie ou celle d'autrui</u> (1) Après la consultation d'un patient ayant reçu un diagnostic de trouble mental pouvant mettre en danger sa propre vie ou celle d'autrui, un professionnel de santé peut – (a) lui administrer des médicaments pour atténuer son inconfort ou l'aider à se calmer ; (b) le placer en isolement afin de garantir sa sécurité et celle d'autrui ; ou (c) l'aider à se calmer à l'aide des
---	--	--

hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe.	instruments intended for this purpose.	dispositifs prévus à cet effet.
(2) Ukora umwuga wo kuvura akora isuzuma rihoraho, kugira ngo amenye niba umurwayi ufite uburwayi bwo mu mutwe adashobora kwiteza ibyago cyangwa kubiteza abandi, agahagarika uburyo bwo kumufasha gutuza.	(2) A healthcare professional conducts a regular assessment to determine whether a patient diagnosed with a mental health condition is not likely to pose a danger to himself or herself or others, and discontinues techniques used to help him or her calm down.	(2) Un professionnel de santé effectue une évaluation régulière pour vérifier si un patient ayant reçu un diagnostic de trouble mental n'est pas susceptible de présenter un danger pour lui-même ou pour autrui et suspend les techniques utilisées pour l'aider à se calmer.
<u>Ingingo ya 35:</u> Isuzumwa ry'ukekwahe cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe ukurikiranweho icyaha	<u>Article 35:</u> Assessment of a person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition subjected to a criminal proceeding	<u>Article 35:</u> Évaluation d'une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier faisant l'objet d'une procédure pénale
(1) Bisabwe n'urwego rw'ubutabera, ukekwahe cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe ukurikiranweho icyaha n'inzego z'ubutabera akorerwa isuzumwa n'abaganga nibura batatu bagakora raporo bakayitanga mu gihe cyagenwe n'amategeko abigenga akanitabwaho hakurikijwe ibyavuye mu isuzumwa ryakozwe.	(1) Upon request from a judicial organ, a person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition who is subjected to a criminal proceeding by judicial organs undergoes an assessment by at least three medical doctors who prepare a report and submit it within the timeframe determined by relevant laws, and he or she is provided with care in accordance with the conclusions of the assessment performed.	(1) Sur demande d'un organe judiciaire, une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier et faisant l'objet d'une procédure pénale par des organes judiciaires subit une évaluation réalisée par au moins trois médecins qui rédigent un rapport et le transmettent dans le délai fixé par la législation en la matière, et cette personne est prise en charge conformément aux conclusions de l'évaluation.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ukekwahe cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe ukurikiranweho icyaha n'inzego z'ubutabera yitabwaho.	(2) An Order of the Minister determines procedures for the provision of care to a person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition subject to criminal	(2) Un arrêté du Ministre détermine les modalités de prise en charge d'une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic

<u>Ingingo ya 36:</u> Imicungire y'ibintu by'ukoresha serivisi z'ubuvuzi ukekwa cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe cyangwa ufite ikibazo gituma adashobora kwifatira icyemezo Ukora umwuga wo kuvura wakiriye ukekwa cyangwa ufite uburwayi bwo mu mutwe cyangwa ufite ikibazo gituma adashobora kwifatira icyemezo akora inyandikomvugo igaragaza ibintu yamwakiriye afite kandi akabishyikiriza ubuyobozi bw'ikigo cy'ubuvuzi kugira ngo hitabwe ku micungire yabyo. <u>Icyiciro cya 4:</u> Gutanga serivisi z'ubuvuzi hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi <u>Ingingo ya 37:</u>Gukoresha ikoranabuhanga mu buvuzi (1) Ikoranabuhanga mu buvuzi ryemewe nka bumwe mu buryo bwo gutanga serivisi z'ubuvuzi.	proceeding by judicial organs. <u>Article 36:</u> Custody of belongings of a healthcare service user suspected of, or diagnosed with, a mental health condition or who is experiencing a problem that prevents him or her from deciding for himself or herself A healthcare professional who receives a person suspected of, or diagnosed with, a mental health condition, or who is experiencing a problem preventing him or her from deciding for himself or herself prepares an inventory of the belongings in the person's possession at the time of reception and submits it to the management of the healthcare facility for appropriate custody of such belongings. <u>Section 4:</u> Provision of healthcare services through digital health and medical technology <u>Article 37:</u> Use of digital health and medical technology (1) Digital health and medical technology are recognised as one of the methods to provide healthcare services.	de ce dernier faisant l'objet d'une procédure pénale par des organes judiciaires. <u>Article 36:</u> Garde des effets personnels d'un usager des services de soins de santé soupçonné de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier ou ayant un problème l'empêchant de prendre lui-même une décision Un professionnel de santé qui reçoit une personne soupçonnée de souffrir d'un trouble mental ou ayant reçu un diagnostic de ce dernier ou ayant un problème l'empêchant de prendre elle-même une décision établit un inventaire des effets personnels en possession de cette personne au moment de sa réception et la transmet à la direction de l'établissement de santé pour la garde appropriée de ces effets. <u>Section 4:</u> Fourniture des services de soins de santé au moyen de la santé numérique et de la technologie médicale <u>Article 37:</u> Usage de la santé numérique et de la technologie médicale (1) La santé numérique et la technologie médicale sont reconnues comme l'une des méthodes de fourniture des services de soins de santé.
--	---	--

(2) Ikoranabuhanga mu buvuzi rikoreshe mu gutanga serivisi z'ubuvuzi mu buryo bujyanye n'igihe, bwihuse kandi bunoze.	(2) Digital health and medical technology are used to provide healthcare services in a manner that ensures they are up-to-date, timely and efficient.	(2) La santé numérique et la technologie médicale sont utilisées pour fournir les services de santé de manière à garantir qu'ils soient à jour, fournis sans délai et efficaces.
<u>Ingingo ya 38:</u> Uruhushya rwo gutanga serivisi z'ubuvuzi hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi	<u>Article 38:</u> Licence to provide healthcare services through digital health and medical technology	<u>Article 38:</u> Licence de fourniture des services de soins de santé au moyen de la santé numérique et technologie médicale
(1) Ikigo cy'ubuvuzi gishaka gutanga serivisi z'ubuvuzi hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi gisaba Minisitiri uruhushya mu nyandiko.	(1) A healthcare facility that intends to provide healthcare services through digital health and medical technology submits a written licence application to the Minister.	(1) Un établissement de santé souhaitant fournir les services de soins de santé au moyen de la santé numérique et technologie médicale adresse au Ministre une demande écrite de licence.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibipimo n'imirongo ngenderwaho bigenga imitangire ya serivisi z'ubuvuzi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi. Rigena kandi ibyerekeye itangwa ry'uruhushya rwo gutanga serivisi z'ubuvuzi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi ku kigo cy'ubuvuzi.	(2) An Order of the Minister determines standards and protocols governing the provision of healthcare services through digital health and medical technology. It also determines procedures for issuing a health facility with a license to provide healthcare services through digital health and medical technology.	(2) Un arrêté du Ministre détermine les normes et les protocoles régissant la fourniture des services de soins de santé au moyen de la santé numérique et technologie médicale. Il détermine également les modalités de délivrance d'une licence à un établissement de santé pour la fourniture des services de soins de santé au moyen de la santé numérique et technologie médicale.
<u>Ingingo ya 39:</u> Umutekano n'ibanga mu gutanga serivisi z'ubuvuzi hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi	<u>Article 39:</u> Security and confidentiality in the provision of healthcare services through digital health and medical technology	<u>Article 39:</u> Sécurité et confidentialité dans la fourniture des services de soins de santé au moyen de la santé numérique et de la technologie médicale
(1) Mu gutanga serivisi z'ubuvuzi hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi	(1) The provision of healthcare services through digital health and medical	(1) La fourniture des services de soins de santé au moyen de la santé numérique et de la

hubahirizwa amategeko yerekeye kurinda amakuru bwite. (2) Ikigo cy'ubuvuzi gishyiraho uburyo bwo kurinda amakuru y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi, mu nzira anyuramo no mu bubiko bwayo. <u>Icyiciro cya 5 : Igiciro n'ikiguzi bya serivisi z'ubuvuzi</u> <u>Ingingo ya 40 : Igiciro cya serivisi y'ubuvuzi</u> (1) Serivisi y'ubuvuzi yahawe ukoresha serivisi z'ubuvuzi yishyurwa hashingiwe ku giciro cyashyizweho na Minisitiri. (2) Iteka rya Minisitiri rigena igiciro cya serivisi z'ubuvuzi zitangwa n'ibigo by'ubuvuzi. <u>Ingingo ya 41: Ikiguzi kijyanye na serivisi z'ubuvuzi zo kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi</u> (1) Ikiguzi cya serivisi y'ubuvuzi ijyanye no kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi cyishyurwa n'uwemerewe kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi.	technology complies with the laws relating to personal data protection. (2) A healthcare facility establishes encryption protocols to protect data of the healthcare service user both in transit and at rest. <u>Section 5: Price and cost of healthcare services</u> <u>Article 40: Price of healthcare service</u> (1) A healthcare service provided to a healthcare service user is paid for based on the price set by the Ministry. (2) An Order of the Minister determines the price for healthcare services provided by healthcare facilities. <u>Article 41: Cost of healthcare services related to assisted reproductive technology</u> (1) The cost of a healthcare service related to assisted reproductive technology is borne by the person eligible for assisted reproductive technology.	technologie médicale se fait conformément aux lois relatives à la protection des données à caractère personnel. (2) Un établissement de santé établit des protocoles de cryptage pour protéger les données de l'utilisateur des services de soins de santé tant en transit qu'au repos. <u>Section 5 : Prix et coût des services de soins de santé</u> <u>Article 40 : Prix d'un service de soins de santé</u> (1) Un service de soins de santé fournis à un usager des services de soins de santé est payé sur la base du prix fixé par le Ministère. (2) Un arrêté du Ministre détermine le prix des services de soins de santé fournis par les établissements de santé. <u>Article 41 : Coût des services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée</u> (1) Le coût d'un service de soins de santé lié à la procréation médicalement assistée est à la charge de la personne admissible à la procréation médicalement assistée.
--	--	---

(2) Serivisi y'ubuvuzi ijyanye no kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi yishyurwa n'ubwishingizi bw'uwemerewe kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi iyo buyishingira.	(2) A healthcare service related to assisted reproductive technology is covered by the insurance scheme of the person eligible for assisted reproductive technology if the scheme covers such a service.	(2) Un service de soins de santé lié à la procréation médicalement assistée est pris en charge par le régime d'assurance de la personne admissible à la procréation médicalement assistée, si ce régime d'assurance couvre ce service.
<u>UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE Y'UMWUGA WO KUVURA</u>	<u>CHAPTER III: ORGANISATION OF THE HEALTHCARE PROFESSION</u>	<u>CHAPITRE III : ORGANISATION DE LA PROFESSION DE SANTÉ</u>
<u>Ingingo ya 42: Ibyiciro by'abatanga serivisi z'ubuvuzi</u>	<u>Article 42: Categories of healthcare providers</u>	<u>Article 42 : Catégories de fournisseurs de soins de santé</u>
(1) Ibyiciro by'abatanga serivisi z'ubuvuzi ni ibi bikurikira: (a) abakora umwuga wo kuvura barimo – (i) abaganga n'abaganga b'amenyo; (ii) abaforomo n'ababyaza; (iii) abahanga mu by'imiti; (iv) n'abakora imyuga ishamikiye ku buvuzi; (b) abajyanama b'ubuzima.	(1) The categories of healthcare providers are the following: (a) healthcare professionals, including – (i) medical doctors and dentists; (ii) nurses and midwives; (iii) pharmacists; and (iv) allied health professionals; (b) community health workers.	(1) Les catégories de fournisseurs de soins de santé sont les suivantes : (a) professionnels de santé, y compris – (i) les médecins et les dentistes ; (ii) les infirmiers et les sages-femmes ; (iii) les pharmaciens ; et (iv) les professionnels paramédicaux ; (b) agents de santé communautaires.
(2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ikindi cyiciro cy'abatanga serivisi z'ubuvuzi.	(2) An Order of the Minister may determine another category of healthcare providers.	(2) Un arrêté du Ministre peut déterminer une autre catégorie de fournisseurs de soins de santé.

<u>Ingingo ya 43: Imikorere y'ibyiciro by'abakora umwuga wo kuvura n'abajyanama b'ubuzima</u> (1) Imikorere ya buri cyiciro cy'abakora umwuga wo kuvura igengwa n'amategeko, amahame n'amabwiriza bigenga ubuvuzi. Igengwa kandi n'amahame n'amabwiriza ngengamyitwarire bishyirwaho n'urugaga rw'abakora umwuga wo kuvura bireba. (2) Iteka rya Minisitiri rigena imikorere y'abajyanama b'ubuzima n'uburyo bashyirwaho.	<u>Article 43: Functioning of categories of healthcare professionals and community health workers</u> (1) The functioning of each category of healthcare professionals is governed by laws, principles and regulations governing healthcare. It is also governed by the ethical principles and rules established by the relevant healthcare professional council. (2) An Order of the Minister determines the functioning of community health workers and procedures for their appointment.	<u>Article 43 : Fonctionnement des catégories de professionnels de santé et des agents de santé communautaires</u> (1) Le fonctionnement de chaque catégorie de professionnels de santé est régi par les lois, les principes et les réglementations régissant les soins de santé. Il est également régi par les principes et les règles déontologiques établis par l'ordre professionnel de santé concerné. (2) Un arrêté du Ministre détermine le fonctionnement des agents de santé communautaires ainsi que les modalités de leur nomination.
<u>Ingingo ya 44: Kwandika no guha uruhushya ukora umwuga wo kuvura</u> Ushaka gukora umwuga wo kuvura yandikwa kandi agahabwa uruhushya n'urugaga rw'abakora umwuga wo kuvura hakurikijwe impamyabumenyi, ubushobozi n'icyiciro cy'umwuga wo kuvura ashaka gukoramo. <u>Ingingo ya 45: Ibisabwa ushaka gukora umwuga wo kuvura</u> Ushaka gukora umwuga wo kuvura agomba	<u>Article 44: Registration and licensing of a healthcare professional</u> A person intending to practice the healthcare profession is registered and licensed by the healthcare professional council based on his or her degree, capacities and the category of the healthcare profession he or she intends to practice. <u>Article 45: Requirements for a person intending to practice the healthcare profession</u> A person intending to practice the healthcare	<u>Article 44 : Inscription d'un professionnel de santé et délivrance de sa licence</u> Une personne souhaitant exercer la profession de santé se fait inscrire et accorder une licence auprès de l'ordre professionnel de santé en fonction de son diplôme, de ses capacités et de la catégorie de la profession de santé qu'elle souhaite exercer. <u>Article 45 : Exigences pour une personne souhaitant exercer la profession de santé</u> Une personne souhaitant exercer la profession

kuba – (a) afite impamyabumenyi yemewe; (b) kandi afite uruhushya rutangwa n’urugaga rw’abakora umwuga wo kuvura bireba. <u>Ingingo ya 46: Kwimenyereza umwuga no kongera ubumenyi</u> (1) Mbere yo gutangira gukora umwuga wo kuvura, ubifitiye impamyabumenyi yemewe, yimenyereza umwuga mu kigo cyemerewe kwakira abimenyereza. (2) Ukora umwuga wo kuvura yongera ubumenyi bugamije kumufasha gutanga serivisi z’ubuvuzi zijyanye n’igihe cyangwa kubona impamyabumenyi yisumbuye mu mwuga wo kuvura. (3) Iteka rya Minisitiri rigena ibyiciro by’abakora umwuga wo kuvura babanza kwimenyereza umwuga no kongera ubumenyi n’uburyo bwo kwimenyereza umwuga no kongera ubumenyi bikorwa.	profession must – (a) have a recognised degree; and (b) have a licence granted by the relevant healthcare professional council. <u>Article 46: Professional internship and capacity development</u> (1) Before commencing the practice of the healthcare profession, a person with a recognised degree undergoes a professional internship in a healthcare facility that is authorised to host interns. (2) A healthcare professional engages in capacity development aimed at helping him or her provide up-to-date healthcare services or obtain a degree at a higher level within the healthcare profession. (3) An Order of the Minister determines the categories of healthcare professionals subject to prior and mandatory professional internship and knowledge enhancement as well as procedures for professional internship and knowledge enhancement.	de santé doit – (a) avoir un diplôme reconnu ; et (b) avoir une licence délivrée par l’ordre professionnel de santé concerné. <u>Article 46 : Stage professionnel et renforcement des capacités</u> (1) Avant de commencer l’exercice de la profession de santé, une personne titulaire d’un diplôme reconnu effectue un stage professionnel au sein d’un établissement de santé autorisé à accueillir des stagiaires. (2) Un professionnel de santé s’engage dans un renforcement des capacités visant à l’aider à fournir les services de soins de santé à jour ou à obtenir un diplôme de niveau supérieur dans la profession de santé. (3) Un arrêté du Ministre détermine les catégories de professionnels de santé soumis à un stage professionnel et à un perfectionnement des connaissances préalables et obligatoires ainsi que les modalités de stage professionnel et de perfectionnement des connaissances.
--	--	---

<u>Ingingo ya 47: Kwemeza ubushobozi no gutanga uburenganzira bwihariye</u> (1) Kwemeza ubushobozi bw'ukora umwuga wo kuvura hakubiyemo igikorwa cyo kugenzura no gusuzuma ubushobozi bw'ukora umwuga wo kuvura. (2) Gutanga uburenganzira bwihariye bivuga guha ukora umwuga wo kuvura uburenganzira bwo gutanga serivisi zirenze ku zo yemerewe gukora nyuma yo kwemeza ubushobozi. (3) Kwemeza ubushobozi no gutanga uburenganzira bwihariye ku ukora umwuga wo kuvura bigenwa n'amategeko abigenga.	<u>Article 47: Credentialing and privileging</u> (1) The credentialing of a healthcare professional includes the process of verifying and assessing the capacities of the healthcare professional. (2) The privileging means the process of authorising a healthcare professional to provide specific healthcare services beyond his or her authorised scope of practice, following successful credentialing. (3) The credentialing and privileging of a healthcare professional are determined by relevant laws.	<u>Article 47 : Accréditation et attribution de privilèges</u> (1) L'accréditation d'un professionnel de santé inclut le processus de vérification et d'évaluation des capacités du professionnel de santé. (2) L'attribution de privilèges désigne le processus par lequel un professionnel de santé se voit accorder l'autorisation de fournir les services de soins de santé spécifiques au-delà de son champ d'exercice autorisé, suite à une accréditation réussie. (3) L'accréditation et l'attribution de privilèges à un professionnel de santé sont déterminées par la législation en la matière.
<u>UMUTWE WA IV: IMYITWARIRE Y'ABAKORA UMWUGA WO KUVURA</u> <u>Ingingo ya 48: Kubahiriza icyubahiro n'agaciro bya muntu</u> Ukora umwuga wo kuvura – (a) aharanira ko uburenganzira, agaciro, umuco n'imyemerere bya muntu byubahirizwa;	<u>CHAPTER IV: ETHICS OF HEALTHCARE PROFESSIONALS</u> <u>Article 48: Upholding human respect and dignity</u> A healthcare professional – (a) ensures that human rights, dignity, culture and religious beliefs are respected; and	<u>CHAPITRE IV: DÉONTOLOGIE DES PROFESSIONNELS DE SANTÉ</u> <u>Article 48: Maintien du respect et de la dignité de la personne humaine</u> Un professionnel de santé – (a) veille à ce que les droits de la personne, sa dignité, sa culture et ses convictions religieuses soient respectés ; et

(b) kandi agaharanira ko ukoresha serivisi z'ubuvuzi cyangwa umuhagarariye ahabwa amakuru ajyanye na serivisi z'ubuvuzi akeneye kugira ngo ayashingireho afata icyemezo. <u>Ingingo ya 49: Guhana amakuru mu gihe cyo gusimburana</u> Mu gihe cyo gusimburana, ukora umwuga wo kuvura aha umusimbuye amakuru y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi, akamwereka ibyakozwe, ibitarakorwa n'ibigomba gukorwa kugira ngo hakomeze gutangwa serivisi z'ubuvuzi. <u>Ingingo ya 50: Kudahunga inshingano</u> Ukora umwuga wo kuvura yirinda kwirengagiza, kudatanga serivisi z'ubuvuzi za ngombwa yitezweho, kudafata icyemezo amategeko amutegeka cyangwa gutererana bagenzi be abaha imirimo iri mu nshingano ze. <u>Ingingo ya 51: Kugira ibanga</u> Ukora umwuga wo kuvura agira ibanga	(b) ensures that a healthcare service user or his or her representative receives information about the required healthcare services so that he or she can use it to make a decision. <u>Article 49: Exchange of information at the time of shift change</u> At the time of shift change, a healthcare professional hands over to the person taking over from him or her information about a healthcare service user, specifying what actions have been completed, which remain outstanding and those which need to be done to ensure the continuity of healthcare services. <u>Article 50: Avoidance of nonfeasance</u> A healthcare professional avoids any situation involving negligence, failure to provide the required healthcare services expected of him or her, failure to act when legally obligated, or abandonment of responsibilities by shifting them onto colleagues. <u>Article 51: Confidentiality</u> A healthcare professional keeps confidential	(b) veille à ce qu'un usager des services de soins de santé ou son représentant reçoive des informations concernant les services de soins de santé requis afin qu'il puisse s'en servir pour prendre une décision. <u>Article 49 : Échange d'informations lors du changement de relève</u> Lors du changement de relève, un professionnel de santé transmet à son successeur les informations concernant un usager des services de soins de santé, lui indiquant les actions effectuées, celles restant à accomplir ainsi que celles devant être effectuées pour assurer la continuité des services de soins de santé. <u>Article 50 : Évitement de la non-exécution</u> Un professionnel de santé évite toute situation impliquant une négligence, un manquement à l'obligation de fournir les soins de santé requis attendus de sa part, le non-respect de l'obligation légale d'agir ou un abandon de ses responsabilités par leur transfert à ses collègues. <u>Article 51 : Confidentialité</u> Un professionnel de santé garde
--	--	--

ry'amakuru yerekeranye n'imiterere y'ubuzima bw'ukoresha serivisi z'ubuvuzi. icyakora, ukora umwuga wo kuvura ashobora gutanga amakuru y'imiterere y'ubuzima bw'ukoresha serivisi z'ubuvuzi abisabwe iyo – (a) ukoresha serivisi z'ubuvuzi yiyemereye mu nyandiko ko amakuru y'imiterere y'ubuzima bwe atangazwa ku mpamvu z'ubushakashatsi cyangwa igenamigambi mu by'ubuzima; (b) gutangaza amakuru y'imiterere y'ubuzima bw'ukoresha serivisi z'ubuvuzi bisabwe mu nyandiko n'urwego rubifitiye ububasha; (c) cyangwa iyo indwara ukoresha serivisi z'ubuvuzi arwaye ishobora gutera icyorezo cyagira ingaruka ku buzima rusange. <u>UMUTWE WA V: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO</u> <u>Icyiciro cya mbere: Uburenganzira n'inshingano by'ukoresha serivisi z'ubuvuzi</u>	the information about the health status of a healthcare service user. However, a healthcare professional may provide information about the health status of a healthcare service user if– (a) the healthcare service user consents in writing to the disclosure of the information about his or her health status for health research or planning purposes; (b) the disclosure of the information about the health status of a healthcare service user is requested in writing by the competent organ; or (c) the disease which the healthcare service user suffers from may constitute an epidemic threat to public health. <u>CHAPTER V: RIGHTS AND OBLIGATIONS</u> <u>Section One: Rights and obligations of a healthcare service user</u>	confidentielles les informations relatives à l'état de santé d'un usager des services de soins de santé. Toutefois, un professionnel de santé peut fournir des informations relatives à l'état de santé d'un usager des services de soins de santé si – (a) l'utilisateur des services de soins de santé donne son consentement écrit pour la divulgation des informations relatives à son état de santé à des fins de recherche ou de planification en matière de santé ; (b) la divulgation des informations relatives à l'état de santé de l'utilisateur des services de soins de santé est demandée par écrit par l'organe compétent ; ou (c) la maladie dont souffre l'utilisateur des services de soins de santé peut constituer une menace épidémique pour la santé publique. <u>CHAPITRE V: DROITS ET OBLIGATIONS</u> <u>Section première: Droits et obligations d'un usager des services de soins de santé</u>
--	---	---

<u>Ingingo ya 52: Uburenganzira ku buzima bwiza</u> Ukoresha serivisi z’ubuvuzi afite uburenganzira bwo kugira ubuzima bwiza, harimo guhabwa – (a) serivisi zo guteza imbere ubuzima; (b) serivisi zo gukumira indwara; (c) serivisi zo kuvurwa indwara zikira n’izidakira; (d) serivisi zo kugabanyirizwa ububabare buturuka ku ndwara; (e) na serivisi zo gusubirana ubuzima busanzwe.	<u>Article 52: Right to good health</u> A healthcare service user has the right to good health, which includes access to – (a) promotional health services; (b) disease prevention services; (c) curative and chronic care services; (d) palliative care services; and (e) rehabilitative services.	<u>Article 52 : Droit à une bonne santé</u> Un usager des services de soins de santé a droit à une bonne santé, qui comprend l’accès aux – (a) services de promotion de la santé ; (b) services de prévention des maladies ; (c) services de soins de santé curatifs et chroniques ; (d) services de soins palliatifs ; et (e) services de réhabilitation.
<u>Ingingo ya 53: Uburenganzira bwo guhabwa agaciro no kubahwa mu mibereho bwite</u> Ukoresha serivisi z’ubuvuzi afite uburenganzira bwo guhabwa agaciro no kubahwa mu mibereho ye bwite haba mbere, mu gihe na nyuma yo guhabwa serivisi z’ubuvuzi .	<u>Article 53: Right to dignity and privacy</u> A healthcare service user has the right to the respect for his or her dignity and privacy before, during and after receipt of healthcare services.	<u>Article 53 : Droit à la dignité et à la vie privée</u> Un usager des services de soins de santé a le droit au respect de sa dignité et de sa vie privée avant, pendant et après la réception des services de soins de santé.

<u>Ingingo ya 54: Uburenganzira kuri serivisi z'ubuvuzi</u> Ukoresha serivisi z'ubuvuzi afite uburenganzira bwo guhabwa serivisi z'ubuvuzi ku gihe hifashishijwe imiti yizewe, ubuhanga buzwi neza n'ikoranabuhanga mu buvuzi. <u>Ingingo ya 55: Uburenganzira bwo guhitamo serivisi z'ubuvuzi</u> Ukoresha serivisi z'ubuvuzi afite uburenganzira bwo kwihitiramo serivisi y'ubuvuzi imubereye n'utanga serivisi y'ubuvuzi uyimuha. icyakora, iyo byihutirwa bikorwa hakurikijwe amategeko, amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bigenga ubuvuzi. <u>Ingingo ya 56: Uburenganzira kuri serivisi z'ubuvuzi zihutirwa</u> Ukoresha serivisi z'ubuvuzi afite uburenganzira kuri serivisi z'ubuvuzi zihutirwa no koherezwa mu kindi kigo cy'ubuvuzi mu gihe ikigo cy'ubuvuzi cyamwakiriye kidafite ubushobozi bwo kumuvura.	<u>Article 54: Right to healthcare services</u> A healthcare service user has the right to timely access to healthcare services supported by safe medicines, mastered techniques and digital health and medical technology. <u>Article 55: Right to free choice of healthcare services</u> A healthcare service user has the right to freely choose the healthcare service that is the most suitable for him or her and the healthcare service provider he or she wishes to receive it from. However, in emergency situations, this right is exercised in accordance with the laws, regulations and protocols governing healthcare. <u>Article 56: Right to emergency healthcare services</u> A healthcare service user has the right to emergency healthcare services and to referral to another healthcare facility in case the receiving healthcare facility lacks the capability to treat him or her.	<u>Article 54 : Droit aux services de soins de santé</u> Un usager des services de soins de santé a le droit de bénéficier sans délai des services de soins de santé appuyés par des médicaments sûrs, des techniques maîtrisées et par la santé numérique et la technologie médicale. <u>Article 55 : Droit au libre choix des services de soins de santé</u> Un usager des services de soins de santé a le droit de choisir librement le service de soins de santé le plus adapté à sa situation ainsi que le fournisseur des services de soins de santé duquel il désire le recevoir. Toutefois, dans des situations d'urgence, ce droit s'exerce conformément aux lois, réglementations et protocoles régissant les soins de santé. <u>Article 56 : Droit aux services de soins de santé d'urgence</u> Un usager des services de soins de santé a droit aux services de soins de santé d'urgence et à être référé vers un autre établissement de santé au cas où l'établissement de santé d'accueil n'a pas la capacité de le traiter.
--	--	---

<u>Ingingo ya 57: Uburenganzira ku buzima bw'imyororokere y'abantu</u> Buri muntu, afite uburenganzira ku buzima bw'imyororokere y'abantu nta vangura iryo ari ryo ryose. <u>Ingingo ya 58: Uburenganzira bwo kudakorerwaho ibikorwa byangiza ubuzima</u> Ukoresha serivisi z'ubuvuzi afite uburenganzira bwo kudakorerwaho ibikorwa bishobora kugira ingaruka mbi ku buzima. Ibi bikorwa birimo ibikorwa ku mubiri, ibyo mu rwego rw'imitekerereze, mu rwego rw'imibereho n'ibyo mu rwego rw'ibidukikije. <u>Ingingo ya 59: Uburenganzira bwo guhabwa amakuru</u> (1) Ukoresha serivisi z'ubuvuzi afite uburenganzira bwo guhabwa amakuru ajyanye n'ubuzima bwe. (2) Utanga serivisi z'ubuvuzi aha ukoresha serivisi z'ubuvuzi amakuru yuzuye kandi yizewe – (a) ku miterere y'ubuzima bwe	<u>Article 57: Right to human reproductive health</u> Every person has the right to human reproductive health without any form of discrimination. <u>Article 58: Right to protection from health-harming practices</u> A healthcare service user has the right not to be subjected to any practices that may adversely affect his or her health. Such practices include those with physical, psychological, social and environmental implications. <u>Article 59: Right to access information</u> (1) A healthcare service user has the right to access information regarding his or her health. (2) A healthcare service provider provides accurate and reliable information to a healthcare service user regarding – (a) his or her health status, in accordance	<u>Article 57: Droit à la santé de la reproduction humaine</u> Toute personne a droit à la santé de la reproduction humaine sans aucune forme de discrimination. <u>Article 58 : Droit à la protection contre les pratiques nuisibles à la santé</u> Un usager des services de soins de santé a le droit de ne pas être soumis à des pratiques susceptibles de porter atteinte à sa santé. Ces pratiques comprennent celles ayant des implications physiques, psychologiques, sociales et environnementales. <u>Article 59 : Droit d'accès aux informations</u> (1) Un usager des services de soins de santé a le droit d'accéder aux informations concernant sa santé. (2) Un fournisseur des services de soins de santé fournit des informations exactes et fiables à un usager des services de soins de santé concernant – (a) son état de santé, conformément aux
--	---	--

hubahirizwa amahame agenga umwuga wo kuvura; (b) ku buryo buhari bwo guteza imbere ubuzima, gukumira no gusuzuma indwara n'uburyo butandukanye bwo kumuha serivisi z'ubuvuzi ashobora guhitamo; (c) no ku byiza, ingaruka n'ikiguzi bijyana na buri buryo bwa serivisi y'ubuvuzi. <u>Ingingo ya 60:</u> Uburenganzira bwo gusobanurirwa mu rurimi ukoresha serivisi z'ubuvuzi yumva (1) Utanga serivisi z'ubuvuzi aha ukoresha serivisi z'ubuvuzi amakuru ajyanye n'imiterere y'ubuzima bwe akoresheje ururimi yumva. Icyakora, iyo ukoresha serivisi z'ubuvuzi adashobora kumva rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi, yishakira umusemurira mu rurimi yumva. (2) Iyo ukoresha serivisi z'ubuvuzi afite ubumuga bwo kutumva, kutavuga cyangwa ubukomatanyije, ukora umwuga wo kuvura amusobanurira akoresheje ururimi rw'amarenga	with the principles governing the healthcare profession; (b) the available promotional, preventive, diagnostic procedures and healthcare service options available to him or her; and (c) the benefits, risks, and cost associated with each healthcare service option. <u>Article 60:</u> Healthcare service user's right to receive explanations in a language understood by him or her (1) A healthcare service provider communicates to the healthcare service user information about his or her health status in a language understood by the latter. However, if the healthcare service user cannot understand any of the official languages, he or she arranges for his or her own interpreter in the language he or she understands. (2) If a healthcare service user has a hearing impairment or speech impairment or both, the healthcare service provider provides him or her with explanations, using sign language, either directly or through a	principes régissant la profession de santé ; (b) les procédures promotionnelles, préventives et diagnostiques disponibles ainsi que les options de services de soins de santé qui s'offrent à lui ; et (c) les avantages, les risques et le coût associés à chaque option de service de soins de santé. <u>Article 60 :</u> Droit d'un usager des services de soins de santé de recevoir des explications dans une langue comprise par lui (1) Un fournisseur des services de soins de santé communique à l'utilisateur des services de soins de santé des informations concernant son état de santé dans une langue comprise par ce dernier. Toutefois, lorsque l'utilisateur des services de soins ne comprend aucune des langues officielles, il se cherche un interprète dans la langue qu'il comprend. (2) Lorsqu'un usager des services de soins de santé présente une déficience auditive, une déficience de la parole ou les deux, le fournisseur des services de soins de santé lui donne des explications en langue des
--	--	--

cyangwa akifashisha undi ufite ubumenyi mu rurimi rw'amarenga. <u>Ingingo ya 61:</u> Uburenganzira bwo kubona ibiri ku ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi (1) Ukoresha serivisi z'ubuvuzi cyangwa umuhagarariye afite uburenganzira bwo kubona ibiri ku ifishi ye no guhabwa kopi yayo iyo abisabye. (2) Ukoresha serivisi z'ubuvuzi cyangwa umuhagarariye ukeneye kopi y'ifishi ye abisaba mu nyandiko umuyobozi w'ikigo cy'ubuvuzi. Iyo kopi itangwa mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi ibarwa uhereye ku munsu ukoresha serivisi z'ubuvuzi cyangwa umuhagarariye yayisabiyeho. (3) Ukoresha serivisi z'ubuvuzi cyangwa undi muntu ubifitemo inyungu, ashobora gusaba ikigo cy'ubuvuzi kutamenyesha umuhagarariye amakuru ari ku ifishi ye.	person having knowledge of sign language. <u>Article 61:</u> Right to consult a healthcare service user's file (1) A healthcare service user or his or her representative has the right to consult the healthcare user's file and receive a copy thereof upon request. (2) A healthcare service user or his or her representative seeking a copy of the healthcare service user's file submits a written request to that effect to the head of the healthcare facility. The copy is issued within five working days of the date of the request being made by the healthcare service user or his or her representative. (3) A healthcare service user or any other interested person may ask a healthcare facility to keep information in his or her file confidential from his or her representative.	signes, soit directement, soit par l'intermédiaire d'une personne ayant une connaissance de la langue des signes. <u>Article 61 :</u> Droit de consulter le dossier d'un usager des services de soins de santé (1) Un usager des services de soins de santé ou son représentant a le droit de consulter le dossier de l'usager des services de soins de santé et d'en obtenir une copie sur demande. (2) Un usager des services de soins de santé ou son représentant qui souhaite obtenir une copie du dossier de l'usager des services de soins de santé en fait une demande écrite adressée au responsable de l'établissement de santé. Cette copie est délivrée dans les cinq jours ouvrables à compter de la date de la demande qui en est faite par l'usager des services de soins de santé ou son représentant. (3) Un usager des services de soins de santé ou toute autre personne intéressée peut demander à un établissement de santé de tenir confidentielles les informations contenues dans son dossier vis-à-vis de son représentant.
---	---	--

<u>Ingingo va 62: Uburenganzira ku kwiyeemerera</u>	<u>Article 62: Right to consent</u>	<u>Article 62 : Droit au consentement</u>
(1) Ukoresha serivisi z'ubuvuzi afite uburenganzira bwo kwiyeemerera mu magambo cyangwa mu nyandiko mbere yo guhabwa serivisi y'ubuvuzi, hakurikijwe amategeko, amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bigenga ubuvuzi. (2) Iyo ukoresha serivisi z'ubuvuzi ari udashobora kwiyeemerera, bikorwa n'umuhagarariye. (3) Iyo kwiyeemerera bigomba gukorwa mu nyandiko, ukoresha serivisi z'ubuvuzi akaba afite ubumuga bumubuza gushyira igikumwe cyangwa umukono ku nyandiko, ishyirwaho ikimenyetso gishingiye ku bipimo ndangamiterere ye cyangwa ibipimo ndangamiterere ye byihariye. Iyo ibyo bidashoboka, inyandiko ishyirwaho igikumwe cyangwa umukono n'umuhagarariye.	(1) A healthcare service user has the right to give his or her consent verbally or in writing prior to receiving a healthcare service, in accordance with the laws, regulations and protocols governing healthcare. (2) If a healthcare service user is a person incapable of giving consent, the consent is given by his or her representative. (3) If consent must be given in writing and the healthcare service user is unable to fingerprint or sign the consent form due to infirmity, a mark based on his or her biometric data is affixed to the form or use is made of alternative marks or methods in case of biometric exceptions. If this is not possible, his or her representative fingerprints or signs the form.	(1) Un usager des services de soins de santé a le droit de donner son consentement verbalement ou par écrit avant de recevoir un service de soins de santé, conformément aux lois, réglementations et protocoles régissant les soins de santé. (2) Si un usager des services de soins de santé est une personne incapable de donner son consentement, celui-ci est donné par son représentant. (3) Lorsqu'il le consentement doit être donné par écrit et qu'un usager des services de soins de santé est dans l'incapacité d'apposer son empreinte digitale ou sa signature sur le formulaire de consentement en raison d'une infirmité, il est apposé sur ce dernier une marque basée sur ses données biométriques ou d'autres marques ou méthodes en cas d'exceptions biométriques. Si cela est impossible, son représentant appose son empreinte digitale ou sa signature sur le formulaire.

<u>Ingingo ya 63: Uburenganzira bwo kwanga serivisi y'ubuvuzi n'ubwo kwisubiraho ku kwiyeemerera</u> (1) Ukoresha serivisi z'ubuvuzi afite uburenganzira bwo kwanga guhabwa serivisi y'ubuvuzi, kwanga ko igikorwa cyo guhabwa serivisi y'ubuvuzi gikomeza kumukorerwaho no guhindura icyemezo cye iyo bigishoboka cyangwa bigakorwa n'umuhagarariye. (2) Kwanga guhabwa serivisi y'ubuvuzi cyangwa kwisubiraho ku kwiyeemerera bishobora gukorwa mu buryo ubwo ari bwo bwose burimo inyandiko, imvugo cyangwa amarenga bigashyirwa mu ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi. (3) Amakuru ajyanye no kwanga guhabwa serivisi y'ubuvuzi cyangwa kwisubiraho ku kwiyeemerera yandikwa mu ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi n'ukora umwuga wo kuvura wamwakiriye.	<u>Article 63: Right to refuse a healthcare service and withdraw consent</u> (1) A healthcare service user or his or her representative, has the right to refuse a healthcare service, to discontinue the act of a healthcare service performed on him or her, or to change his or her decision, provided it is still feasible to do so. (2) The refusal of a healthcare service or withdrawal of consent may be expressed in any form, including in writing, verbally or in sign language and is documented in the healthcare service user's file. (3) Information related to the refusal of a healthcare service or withdrawal of consent is recorded in the healthcare service user's file by the attending healthcare professional.	<u>Article 63 : Droit au refus d'un service de soins de santé et au retrait du consentement</u> (1) Un usager des services de soins de santé ou son représentant, a le droit de refuser un service de soins de santé, de refuser la poursuite de l'acte d'un service de soins de santé à son égard ou de changer sa décision, pour autant que cela reste possible. (2) Le refus d'un service de soins de santé ou le retrait du consentement peut être exprimé sous toute forme, y compris par écrit, verbalement ou en langue des signes, et est consigné dans le dossier d'un usager des services de soins de santé. (3) Les informations relatives au refus d'un service de soins de santé ou au retrait du consentement sont consignées dans le dossier d'un usager des services de soins de santé par le professionnel de santé qui l'a pris en charge.
---	--	---

<u>Ingingo ya 64:</u> Kuvura ukoresha serivisi z'ubuvuzi adatanze ukwiyemerera Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 62, ikigo cy'ubuvuzi gifata icyemezo cyo kuvura ukoresha serivisi z'ubuvuzi adatanze ukwiyemerera cyangwa umuhagarariye atabyemeye, bikandikwa mu ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi, mu gihe bigaragaye ko uburwayi bushobora gushyira ubuzima bwe mu kaga cyangwa byagira ingaruka ku nyungu rusange hakurikijwe amahame agenga umwuga wo kuvura.	<u>Article 64:</u> Treatment of a healthcare service user without his or her consent Subject to the provisions of Article 62, a healthcare facility decides to treat a healthcare service user without his or her consent or that of his or her representative, and this is documented in the healthcare service user's file, if it is determined that a diagnosed medical condition may endanger the user's life or is likely to compromise the public interest, in accordance with the principles governing the healthcare profession.	<u>Article 64 :</u> Traitement d'un usager des services de soins de santé sans son consentement Sous réserve des dispositions de l'article 62, un établissement de santé décide de traiter un usager des services de soins de santé sans son consentement ni celui de son représentant et cela est consigné dans le dossier d'un usager des services de soins de santé lorsqu'il est constaté qu'une condition médicale diagnostiquée est susceptible de mettre sa vie en danger ou de compromettre l'intérêt public, conformément aux principes régissant la profession de santé.
<u>Ingingo ya 65:</u> Kumenyesha ukoresha serivisi z'ubuvuzi ibikorwa by'igerageza cyangwa by'ubushakashatsi Ikigo cy'ubuvuzi, icy'ubushakashatsi cyangwa umushakashatsi bifuza gukora igerageza cyangwa ubushakashatsi hagamijwe guteza imbere ubuvuzi babimenyesha mu nyandiko ukoresha serivisi z'ubuvuzi mbere y'uko igerageza cyangwa ubushakashatsi bikorwa kandi bigakorwa hakurikijwe amategeko abigenga.	<u>Article 65:</u> Informing a healthcare service user about experimental or research activities A healthcare facility, research institution or researcher intending to conduct an experiment or research for the purpose of advancing healthcare informs the healthcare service user thereof in writing before the experiment or research begins, and such experiment or research is conducted in accordance with relevant laws.	<u>Article 65 :</u> Information d'un usager des services de soins de santé concernant les activités expérimentales ou de recherche Un établissement de santé, un établissement de recherche ou un chercheur souhaitant mener une expérimentation ou une recherche en vue de l'avancement des soins de santé en informe par écrit l'usager des services de soins de santé avant le début de l'expérimentation ou de la recherche, et cette expérimentation ou cette recherche s'effectue conformément à la législation en la matière.

<u>Ingingo ya 66: Inshingano z'ukoresha serivisi z'ubuvuzi</u> Kugira ngo hatangwe serivisi z'ubuvuzi zikwiye kandi yagizemo uruhare, ukoresha serivisi z'ubuvuzi afite inshingano zikurikira: (a) gutanga amakuru y'ukuri kandi yuzuye yerekeye amateka y'ubuzima bwe utanga serivisi z'ubuvuzi amukeneyeho, uko ubuzima bwe bwifashe mu gihe cyo kwisuzumisha, ibimenyetso afite n'imiti arimo gufata cyangwa indi serivisi y'ubuvuzi arimo guhabwa; (b) gukurikiza inama, amabwiriza na gahunda ahabwa n'utanga serivisi z'ubuvuzi, harimo gufata imiti nk'uko byateganyijwe, gukurikiza ibyo asabwa guhindura mu buzima, kwitabira gahunda zateganyijwe no kubahiriza uburyo bwo guhabwa serivisi y'ubuvuzi cyangwa gahunda yo gusubiza ubuzima bw'umurwayi mu buryo; (c) kubaha no guha agaciro utanga serivisi z'ubuvuzi, abakozi b'ikigo cy'ubuvuzi n'abandi bakoresha serivisi z'ubuvuzi;	<u>Article 66: Obligations of a healthcare service user</u> To ensure appropriate healthcare services in which he or she actively participates, a healthcare service user has the following obligations: (a) to provide accurate and complete information about his or her health history as required by the healthcare provider, current health status at the medical consultation, symptoms and any other ongoing medications or healthcare service; (b) to adhere to advice, instructions and treatment plans provided to him or her by the healthcare service provider, which include taking medications as prescribed, following recommended lifestyle changes, attending scheduled appointments and adhering to recommended therapies or rehabilitation programme; (c) to treat healthcare service providers, healthcare facility employees, and other healthcare service users with respect and dignity;	<u>Article 66: Obligations d'un usager des services de soins de santé</u> Pour garantir les services de soins de santé appropriés auxquels il participe activement, un usager des services de soins de santé a les obligations suivantes : (a) fournir des informations exactes et complètes concernant ses antécédents médicaux comme requis par le fournisseur des services de soins de santé, son état de santé actuel lors de la consultation médicale, ses symptômes et tous autres médicaments ou service de soins de santé en cours ; (b) respecter les conseils, les instructions et les plans de traitement lui fournis par le fournisseur des services de soins de santé, notamment la prise des médicaments tels que prescrits, le suivi des changements de mode de vie recommandés, la présence aux rendez-vous prévus ainsi que l'adhésion aux thérapies ou programme de réhabilitation recommandés ; (c) traiter avec respect et dignité les fournisseurs de soins de santé, les employés des établissements de santé et les autres usagers des services de soins de santé ;
---	---	--

(d) kwirinda icyahungabanya ubuzima bwe n'ubw'abandi; (e) gukurikiza amabwiriza y'ikigo cy'ubuvuzi mu gihe akoresha serivisi z'ubuvuzi zitangwa n'ikigo cy'ubuvuzi; (f) kwishyura serivisi y'ubuvuzi yishyurwa yahawe. Icyiciro cya 2: Uburenganzira n'inshingano by'ukora umwuga wo kuvura <u>Ingingo ya 67:</u> Uburenganzira bw'ukora umwuga wo kuvura Ukora umwuga wo kuvura afite uburenganzira bwo kubahwa no guhabwa agaciro n'ukoresha serivisi z'ubuvuzi, ikigo cy'ubuvuzi n'abandi bakorera ku kigo cy'ubuvuzi, harimo – (a) kudakorerwa ivangura iryo ari ryo ryose; (b) kudahozwa ku nkeke; (c) kudakorerwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose ;	(d) to avoid any harm to his or her own health and to the health of others; (e) to adhere to the regulations of the healthcare facility when using the healthcare services provided by the healthcare facility; (f) to pay for the chargeable healthcare service received. <u>Section 2:</u> Rights and obligations of a healthcare professional <u>Article 67:</u> Rights of a healthcare professional A healthcare service provider has the right to be treated with respect and dignity by a healthcare service user, the healthcare facility and other employees of the healthcare facility, including – (a) freedom from any form of discrimination; (b) freedom from harassment; and (c) freedom from any form of violence;	(d) éviter tout préjudice à sa propre santé ainsi qu'à celle d'autrui ; (e) se conformer aux règlements de l'établissement de santé lors de l'utilisation des services de soins de santé qui y sont fournis ; (f) payer pour le service de soins de santé facturable reçu. <u>Section 2:</u> Droits et obligations d'un professionnel de santé <u>Article 67:</u> Droits d'un professionnel de santé Un professionnel de santé a le droit d'être traité avec respect et dignité par un usager des services de soins de santé, l'établissement de santé et les autres employés de l'établissement de santé, y compris – (a) être à l'abri de toute forme de discrimination ; (b) être à l'abri du harcèlement ; (c) être à l'abri de toute forme de violence ;
--	--	--

(d) gukorera ahantu hubahirije ibijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi, habungabunga ubuzima bwe bw'umubiri n'ubwo mu mutwe, harimo ingamba zihagije zo kurwanya indwara n'impanuka zifitanye isano n'akazi akora; (e) gukoresha ubuhanga bwe n'ubwigenge mu gutanga serivisi z'ubuvuzi; (f) guhabwa umushahara n'ibindi agenerwa hakurikijwe amategeko abigenga; (g) no guhabwa ibikoresho bikenewe n'ubumenyi bwo kubikoresha kugira ngo yuzuze inshingano ze. <u>Ingingo ya 68:</u> Inshingano z'ukora umwuga wo kuvura Ukora umwuga wo kuvura afite inshingano zirimo izi zikurikira: (a) gutanga serivisi z'ubuvuzi zinoze; (b) gutanga serivisi z'ubuvuzi zihutirwa igihe zikenewe; (c) guha ukoresha serivisi z'ubuvuzi	(d) working in an environment that ensures his or her occupational health and safety, safeguards his or her physical and mental well-being, including adequate measures to control occupational diseases and accidents; (e) exercising his or her professional expertise and autonomy in providing healthcare services; (f) receiving remuneration and other benefits pursuant to relevant laws; and (g) being given access to the necessary tools and receiving training on their use in order to perform his or her duties. <u>Article 68:</u> Obligations of a healthcare professional A healthcare professional has obligations that include the following: (a) providing efficient healthcare services; (b) providing emergency healthcare services where required; (c) sharing with the healthcare service user	(d) l'exercice de son travail dans un environnement garantissant sa santé et sa sécurité au travail, préservant son bien-être physique et mental, notamment par des mesures adéquates de contrôle des maladies professionnelles et des accidents de travail ; (e) l'exercice de son expertise professionnelle et son autonomie dans la fourniture des services de soins de santé ; (f) la réception d'une rémunération et d'autres avantages conformément à la législation en la matière ; et (g) l'accès aux outils nécessaires et à la formation sur leur utilisation en vue de l'accomplissement de ses fonctions. <u>Article 68 :</u> Obligations d'un professionnel de santé Un professionnel de santé a des obligations comprenant les suivantes : (a) fournir les services de soins de santé efficaces ; (b) fournir les services de soins de santé d'urgence en cas de besoin ; (c) partager avec l'utilisateur des services de soins
--	---	---

amakuru akenewe asobanura ingaruka n'ibyiza by'uburyo bwo gutanga serivisi z'ubuvuzi ateganya gukoresha ku buzima bw'ukoresha serivisi z'ubuvuzi n'ubundi buryo bwo guhabwa serivisi z'ubuvuzi yahitamo, kugira ngo abashe gufata icyemezo gishingiye ku byo asobanukiwe;	the necessary information by explaining the risks and benefits associated with the proposed method of healthcare service provision for the health of the healthcare service user, as well as alternative healthcare service options available to enable him or her to make an informed decision;	de santé les informations nécessaires, en lui expliquant les risques et les avantages liés à la méthode proposée de fourniture des services de soins de santé pour sa santé, ainsi que les options alternatives de services de soins de santé disponibles pour lui permettre de prendre une décision éclairée ;
(d) kubaha ubwigenge bw'ukoresha serivisi z'ubuvuzi, akamuha umwanya wo kugira uruhare mu ifatwa ry'icyemezo kirebana na serivisi z'ubuvuzi ahabwa no kubahiriza ibyifuzo n'amahitamo bye, igihe bitanyuranyije n'amahame ngengamyitwarire n'imikorere ishingiye ku bumenyi bwizewe;	(d) respecting the healthcare service user's autonomy by giving him or her the opportunity to participate in the decision about healthcare services to be provided to him or her and by honouring his or her preferences and choices, so long as they stay within the bounds of ethical principles and evidence-based practices;	(d) respecter l'autonomie de l'utilisateur des services de soins de santé, en lui donnant la possibilité de participer à la décision concernant les services de soins de santé à lui fournir et en honorant ses préférences et choix, tant que ceux-ci restent conformes aux principes déontologiques et aux pratiques fondées sur des preuves ;
(e) gutanga serivisi z'ubuvuzi nta vangura iryo ari ryo ryose;	(e) providing healthcare services without any form of discrimination;	(e) fournir les services de soins de santé sans aucune forme de discrimination ;
(f) kudakorera ihohotera iryo ari ryo ryose ukoresha serivisi z'ubuvuzi;	(f) avoiding subjecting a healthcare service user to any form of violence;	(f) ne pas soumettre un usager des services de soins de santé à toute forme de violence ;
(g) gukora no kubika ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi igaragaza amakuru y'ukuri kandi yuzuye;	(g) establishing and keeping a healthcare service user's file containing accurate and complete information;	(g) établir et conserver le dossier d'un usager des services de soins de santé contenant des informations exactes et complètes ;
(h) kubahiriza amahame n'imirongo ngenderwaho bigenga umwuga wo kuvura.	(h) complying with principles and protocols governing the healthcare profession.	(h) se conformer aux principes et aux protocoles régissant la profession de santé.

<u>UMUTWE WA VI: IBIGO BY'UBUVUZI</u>	<u>CHAPTER VI: HEALTHCARE FACILITIES</u>	<u>CHAPITRE VI: ÉTABLISSEMENTS DE SANTÉ</u>
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ibyiciro by'ibigo by'ubuvuzi	<u>Section One:</u> Categories of healthcare facilities	<u>Section première:</u> Catégories d'établissements de santé
<u>Ingingo ya 69:</u> Ibigo by'ubuvuzi bya Leta	<u>Article 69:</u> Public healthcare facilities	<u>Article 69 :</u> Établissements de santé publics
Ibigo by'ubuvuzi bya Leta ni ibi bikurikira:	Public healthcare facilities are as follows:	Les établissements de santé publics sont les suivants :
(a) ikigo cy'ubuvuzi gishingwa na Leta;	(a) a healthcare facility established by the Government;	(a) établissement de santé créé par l'État ;
(b) ikigo cy'ubuvuzi ba nyiracyo beguriye Leta binyuze mu masezerano;	(b) a healthcare facility transferred by owners thereof into Government ownership through an agreement;	(b) établissement de santé cédé à l'État par ses propriétaires en vertu d'une convention ;
(c) ikigo cy'ubuvuzi cy'abafatanyaga na Leta ku bw'amasezerano cyahindutse icya Leta mu buryo buteganywa n'amasezerano;	(c) a Government-subsidised healthcare facility converted into a public healthcare facility in accordance with procedures provided for under an agreement;	(c) établissement de santé conventionné converti en un établissement de santé public conformément aux modalités prévues par une convention ;
(d) ikigo cy'ubuvuzi cyubatswe na Leta ku butaka bwayo imicungire yacyo ikegurirwa abikorera binyuze mu masezerano.	(d) a healthcare facility constructed by the Government on its land, the management of which is transferred to private operators through an agreement.	(d) établissement de santé construit par l'État sur son propre terrain, dont la gestion est cédée à des opérateurs privés en vertu d'une convention.

Ingingo ya 70: Ibigo by'ubuvuzi by'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano	Article 70: Government-subsidised healthcare facilities	Article 70: Établissements de santé conventionnés
(1) Ibigo by'ubuvuzi by'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano harimo— (a) ikigo cy'ubuvuzi Leta yubatswe ifatanyije n'umuntu ku giti cye, umuryango ushingiye ku myemerere, fondasiyo cyangwa umuryango utari uwa Leta, ku butaka uwo muntu, umuryango cyangwa fondasiyo batunze ku buryo bwemewe n'amategeko; (b) ikigo cy'ubuvuzi cyubatswe n'umuntu ku giti cye, umuryango ushingiye ku myemerere, fondasiyo, umuryango utari uwa Leta ku butaka batunze ku buryo bwemewe n'amategeko, Leta ikagira uruhare mu kugisana, kucyagura, guhemba abakozi cyangwa kugisha ibikoresho, uretse mu gihe Leta yabitanze nk'impano mu buryo bwanditse; (c) n'ikigo cy'ubuvuzi cyubatswe na Leta ku butaka bw'umuntu ku giti cye, ubw'umuryango ushingiye ku myemerere, ubwa fondasiyo	(1) Government-subsidised healthcare facilities include – (a) a healthcare facility constructed by the Government in partnership with an individual, a faith-based organisation, a foundation or a non-governmental organisation on land that is legally owned by such an individual, organisation or foundation; (b) a healthcare facility constructed by an individual, a faith-based organisation, a foundation or a non-governmental organisation on their legally owned land and for which the Government provides assistance with repairs, expansions, employee compensation or equipment provision, unless such equipment is provided by the Government in writing as a donation; and (c) a healthcare facility constructed by the Government on land owned by an individual, a faith-based organisation, a foundation or a non-governmental	(1) Les établissements de santé conventionnés comprennent – (a) un établissement de santé construit par l'État en partenariat avec un individu, une organisation fondée sur la foi, une fondation ou une organisation non-gouvernementale sur un terrain appartenant légalement à cet individu, à cette organisation ou à cette fondation ; (b) un établissement de santé construit par un individu, une organisation fondée sur la foi, une fondation ou une organisation non-gouvernementale sur un terrain leur appartenant légalement et pour lequel l'État apporte son soutien en matière de réparations, d'extensions, de rémunération des employés ou de fourniture d'équipement, à moins que cet équipement ne soit fourni par l'État par écrit à titre de don ; et (c) un établissement de santé construit par l'État sur un terrain appartenant à un individu, à une organisation fondée sur la foi, à une fondation ou à une organisation

cyangwa ubw'umuryango utari uwa Leta. (2) Nyir'ikigo cy'ubuvuzi cy'abafatanyaga na Leta ku bw'amasezerano akorana amasezerano na Leta agaragaza imikorere n'imikoranire, uruhare n'inshingano bya buri ruhande. <u>Ingingo ya 71: Ibigo by'ubuvuzi byigenga n'imikorere yabyo</u> (1) Ikigo cy'ubuvuzi cyigenga ni ikigo cy'ubuvuzi gishingwa mu buryo bwemewe n'amategeko, harimo igishingwa – (a) n'umuntu ku giti cye cyangwa abantu bishyize hamwe; (b) n'umuryango ushingiyeho ku myemerere; (c) na fondasiyo; (d) n'umuryango utari uwa Leta; (e) n'ikigo cy'ubuvuzi Leta yegurira abikorera binyuze mu masezerano;	organisation. (2) The owner of a government-subsidised healthcare facility enters into agreement with the Government outlining the terms of operation and collaboration, as well as each party's roles and responsibilities. <u>Article 71: Private healthcare facilities and their functioning</u> (1) A private healthcare facility is a healthcare facility that is legally established, including one established by – (a) an individual or a group of individuals; (b) a faith-based organisation; (c) a foundation; (d) a non-governmental organisation; and (e) a healthcare facility transferred by the Government to private operators through an agreement; or	non-gouvernementale. (2) Le propriétaire d'un établissement de santé conventionné conclut avec l'État une convention précisant les modalités de fonctionnement et de collaboration, ainsi que les rôles et attributions de chaque partie. <u>Article 71 : Établissements de santé privés et leur fonctionnement</u> (1) Un établissement de santé privé est un établissement de santé légalement créé, y compris celui créé par – (a) un individu ou un groupe d'individus ; (b) une organisation fondée sur la foi ; (c) une fondation ; (d) une organisation non gouvernementale ; (e) un établissement de santé cédé par l'État à des opérateurs privés en vertu d'une convention ; ou
---	--	---

(f) cyangwa n'ikigo cy'ubuvuzi cyigenga mpuzamahanga. (2) Ikigo cy'ubuvuzi cyigenga cyubahiriza amategeko n'ibipimo ngenderwaho mu buvuzi mu Rwanda. <u>Icyiciro cya 2: Ishingwa, iyandikwa n'igenzurwa by'ikigo cy'ubuvuzi</u> <u>Ingingo ya 72: Ishingwa ry'ikigo cy'ubuvuzi</u> Ikigo cy'ubuvuzi gishingwa hakurikijwe amategeko abigenga kandi hashingiwe ku ikarita igaragaza aho ibigo by'ubuvuzi biherereye n'aho ibigo by'ubuvuzi bishya biteganywa kubakwa ishyirwaho na Minisiteri hubahirijwe igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize by'ubutaka ku rwego rw'Igihugu. <u>Ingingo ya 73: Iyandikwa ry'ikigo cy'ubuvuzi cya Leta cyangwa icy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano</u> (1) Ikigo cy'ubuvuzi cya Leta cyangwa icy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano cyandikwa kandi kigahabwa uburenganzira bwo gutanga serivisi z'ubuvuzi na Minisiteri.	(f) an international private healthcare facility. (2) A private healthcare facility complies with laws and healthcare standards applicable in Rwanda. <u>Section 2: Establishment, registration and inspection of a healthcare facility</u> <u>Article 72: Establishment of a healthcare facility</u> A healthcare facility is established in accordance with relevant laws and according to a map established by the Ministry which shows the locations of existing healthcare facilities and areas planned for the construction of new healthcare facilities, in alignment with the national land use and development master plan. <u>Article 73: Registration of a public or Government-subsidised healthcare facility</u> (1) A public or Government-subsidised healthcare facility is registered by the Ministry and authorised by the latter to provide healthcare services.	(f) un établissement de santé privé international. (2) Un établissement de santé privé respecte les lois et normes de soins de santé applicables au Rwanda. <u>Section 2: Création, inscription et inspection d'un établissement de santé</u> <u>Article 72: Création d'un établissement de santé</u> Un établissement de santé est créé conformément à la législation en la matière et sur la base d'une carte établie par le Ministère qui indique l'emplacement des établissements de santé existants ainsi que les zones prévues pour la construction de nouveaux établissements de santé, en conformité avec le schéma directeur national d'utilisation et d'aménagement des terres. <u>Article 73: Inscription d'un établissement de santé public ou conventionné</u> (1) Un établissement de santé public ou conventionné est inscrit par le Ministère et se fait accorder une autorisation auprès de ce dernier pour fournir les services de soins de santé.
--	--	--

(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibipimo ngenderwaho n'ibindi bisabwa kugira ngo ikigo cy'ubuvuzi cya Leta n'icy'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano gihabwe uburenganzira bwo gukora.	(2) An Order of the Minister sets out standards and other requirements for a public or Government-subsidised healthcare facility to be authorised to operate.	(2) Un arrêté du Ministre fixe les normes et d'autres conditions d'obtention par un établissement de santé public ou conventionné d'une autorisation de fonctionnement.
<u>Ingingo ya 74: Kwemerera ikigo cy'ubuvuzi cyigenga gukora</u>	<u>Article 74: Licensing of a private healthcare facility</u>	<u>Article 74 : Délivrance de licence pour un établissement de santé privé</u>
(1) Ikigo cy'ubuvuzi cyigenga cyifuzaga gukora cyandikwa kandi kigahabwaga uruhushya rwo gukora mu nyandiko na Minisitiri.	(1) A private healthcare facility that intends to operate is registered and granted a written licence by the Ministry.	(1) Un établissement de santé privé souhaitant exercer ses activités est inscrit par le Ministère et se fait délivrer par ce dernier une licence écrite.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena ibipimo ngenderwaho, ikiguzi cy'uruhushya rwo gukora n'ibindi bisabwa kugira ngo ikigo cy'ubuvuzi cyigenga gihabwe uruhushya rwo gukora.	(2) An Order of the Minister sets out the standards, licencing fee and other requirements for licensing a private healthcare facility.	(2) Un arrêté du Ministre fixe les normes, les frais de licence et d'autres conditions de délivrance de licence pour un établissement de santé privé.
<u>Ingingo ya 75: Igenzurwa ry'ikigo cy'ubuvuzi</u>	<u>Article 75: Inspection of a healthcare facility</u>	<u>Article 75 : Inspection d'un établissement de santé</u>
(1) Ikigo cy'ubuvuzi gikorera ubugenze buhoraho n'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali na Minisitiri.	(1) A healthcare facility is subject to regular inspection by the District or the City of Kigali and the Ministry.	(1) Un établissement de santé est soumis à une inspection régulière par le District ou la Ville de Kigali ainsi que par le Ministère.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo igenzurwa ry'ikigo cy'ubuvuzi rikorwa.	(2) An Order of the Minister sets out procedures for the inspection of a healthcare facility.	(2) Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'inspection d'un établissement de santé.

<u>Icyiciro cya 3: Imicungire y'ikigo cy'ubuvuzi n'iy'umutungo wacyo</u>	<u>Section 3: Management of a healthcare facility and of its property</u>	<u>Section 3 : Gestion d'un établissement de santé et de son patrimoine</u>
<u>Ingingo ya 76: Imicungire y'ikigo cy'ubuvuzi</u>	<u>Article 76: Management of a healthcare facility</u>	<u>Article 76 : Gestion d'un établissement de santé</u>
(1) Ikigo cy'ubuvuzi cya Leta gicungwa na Leta hakurikijwe amategeko abigenga. (2) Ikigo cy'ubuvuzi cy'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano gicungwa hakurikijwe amasezerano n'amategeko abigenga. (3) Ikigo cy'ubuvuzi cyigenga gicungwa na nyiracyo hakurikijwe amategeko abigenga. (4) Ikigo cy'ubuvuzi cya Leta, icy'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano cyangwa icyigenga gicungwa hitawe ku nyungu z'ubuvuzi.	(1) A public healthcare facility is managed by the Government in accordance with relevant laws. (2) A Government-subsidised healthcare facility is managed in accordance with an agreement and relevant laws. (3) A private healthcare facility is managed by its owner in accordance with relevant laws. (4) A public, Government-subsidised or private healthcare facility is managed taking into account the interest of healthcare.	(1) Un établissement de santé public est géré par l'État conformément à la législation en la matière. (2) Un établissement de santé conventionné est géré conformément à une convention et à la législation en la matière. (3) Un établissement de santé privé est géré par son propriétaire conformément à la législation en la matière. (4) Un établissement de santé public, conventionné ou privé est géré en tenant compte de l'intérêt des soins de santé.
<u>Ingingo ya 77: Umutungo w'ikigo cy'ubuvuzi n'imicungire yawo</u>	<u>Article 77: Property of a healthcare facility and its management</u>	<u>Article 77 : Patrimoine d'un établissement de santé et sa gestion</u>
(1) Umutungo w'ikigo cy'ubuvuzi cya Leta ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. Ucungwa hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.	(1) The property of a public healthcare facility consists of movable and immovable assets. It is managed in accordance with the laws governing public finance management.	(1) Le patrimoine d'un établissement de santé public est composé de biens meubles et immeubles. Il est géré conformément aux lois régissant la gestion des finances publiques.

(2) Umutungo Leta ishyira mu kigo cy'ubuvuzi cy'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano n'uwo ufatanyana na Leta ku bw'amasezerano ashyira mu kigo cy'ubuvuzi cy'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano ucungwa hakurikijwe amasezerano yashyizweho umukono n'impande zombi. (3) Umutungo w'ikigo cy'ubuvuzi cyigenga ucungwa na nyiracyo. Icyiciro cya 4: Inshingano n'uburenganzira by'ikigo cy'ubuvuzi Ingingo ya 78: Inshingano yo guteza imbere ubuzima na serivisi z'ubuvuzi (1) Ikigo cy'ubuvuzi giteza imbere ubuzima muri rusange mu ifasi giherereyemo igenwa na Minisiteri. Gishinzwe kandi – (a) gushyira mu bikorwa ingamba zo kubahiriza uburenganzira bw'ukoresha serivisi z'ubuvuzi; (b) kubahiriza ibipimo n'imirongo ngenderwaho mu gutanga serivisi z'ubuvuzi; (c) guha ukora umwuga wo kuvura	(2) The property contributed by the Government to a Government-subsidised healthcare facility as well as the property contributed to the same by a party to, and within the framework of an agreement with the Government are managed in accordance with such an agreement signed by both parties. (3) The property of a private healthcare facility is managed by its owner. Section 4: Obligations and rights of a healthcare facility Article 78: Obligation to promote health and healthcare services (1) A healthcare facility promotes health in general in its catchment area determined by the Ministry. It is also responsible for – (a) implementing measures to uphold the healthcare service user's rights; (b) complying with standards and protocols for the provision of healthcare services; (c) providing a healthcare professional	(2) Le patrimoine apporté par l'État à un établissement de santé conventionné et celui apporté au même établissement par une partie à une convention avec l'État dans le cadre dudit établissement sont gérés conformément à cette convention signée par les deux parties. (3) Le patrimoine d'un établissement de santé privé est géré par son propriétaire. Section 4: Obligations et droits d'un établissement de santé Article 78: Obligation de promouvoir la santé et les services de soins de santé (1) Un établissement de santé promeut la santé en général dans sa zone de rayonnement déterminée par le Ministère. Il est également chargé de – (a) mettre en œuvre les stratégies de protection des droits d'un usager des services de soins de santé ; (b) respecter les normes et les protocoles en matière de fourniture des services de soins de santé ; (c) fournir à un professionnel de santé les
--	--	--

ibikoresho bikenewe kugira ngo yuzuze inshingano ze; (d) gutanga serivisi z'ubuvuzi bufite ireme binyuze mu kuzamura serivisi z'ubuvuzi zizewe, harimo – (i) kwita ku isuku n'isukura by'ahatangiye serivisi z'ubuvuzi; (ii) kubahiriza ingamba zo kurwanya indwara zandura; (iii) no gushyira mu bikorwa ingamba zigamije kugabanya ibyatera amakosa cyangwa ibyago mu buvuzi; (e) kugenzura ko uruhushya rw'ukora umwuga wo kuvura rugifite agaciro no kumuhagarika igihe rutakigafite; (f) gutanga serivisi z'ubuvuzi ku gihe cyagenwe hagendewe ku ruhushya rwo gutanga serivisi z'ubuvuzi ikigo cy'ubuvuzi cyahawe; (g) gushyikiriza urwego bireba raporo y'ibikorwa bijyanye na serivisi z'ubuvuzi gitanga;	with tools needed to perform his or her duties; (d) providing quality healthcare services by enhancing safe healthcare services, including – (i) maintaining a clean and sanitary healthcare service environment; (ii) complying with control measures for transmissible infections; and (iii) implementing measures to minimize the risk of errors or adverse events in the healthcare system; (e) verifying if the licence of a healthcare professional is still valid and suspending him or her if it is no longer valid; (f) providing healthcare services during prescribed hours in compliance with the healthcare facility's licence; (g) submitting to the organ concerned the activity report in respect of healthcare services it provides;	outils nécessaires à l'accomplissement de ses fonctions ; (d) fournir les services de soins de santé de qualité en améliorant les services de soins de santé sûrs, y compris – (i) le maintien d'un environnement propre et sanitaire des services de soins de santé ; (ii) le respect des mesures de contrôle des infections transmissibles ; et (iii) la mise en œuvre de mesures visant à minimiser le risque d'erreurs ou d'événement indésirables dans le système des soins de santé ; (e) vérifier si la licence d'un professionnel de santé est toujours valable et suspendre ce dernier si sa licence n'est plus valable ; (f) fournir les services de soins de santé pendant les heures prescrites en conformité avec la licence de l'établissement de santé ; (g) soumettre à l'organe concerné le rapport d'activités en rapport avec les services de soins de santé fournis par lui ;
---	---	---

(h) gushyiraho ingamba zo kurinda amakuru y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi; (i) kubika ibanga ry'amakuru y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi; (j) no kugira ubufatanye n'imikoranire n'ibindi bigo by'ubuvuzi n'abafatanyabikorwa. (2) Ikigo cy'ubuvuzi gitanga serivisi zifasha kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi gifite kandi inshingano zikurikira: (a) gutanga amakuru akenewe kuri serivisi z'ubuvuzi zerekeye kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga; (b) gutanga serivisi z'ubuvuzi zo kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi. <u>Ingingo ya 79: Inshingano yo kubika ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi</u> (1) Ikigo cy'ubuvuzi kibika ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi nibura mu gihe cy'imyaka icumi ibarwa uhereye ku	(h) establishing strategies to protect data of a healthcare service user; (i) keeping confidential the information of the healthcare service user; and (j) establishing mutual support and collaboration relationships with other healthcare facilities and partners. (2) A healthcare facility providing healthcare services related to assisted reproductive technology also has the following obligations: (a) to provide necessary information on healthcare services related to assisted reproductive technology; (b) to provide healthcare services related to assisted reproductive technology. <u>Article 79: Obligation to retain healthcare service user's file</u> (1) A healthcare facility retains a healthcare service user's file for at least ten years from the date on which a healthcare service user	(h) établir les stratégies de protection des données d'un usager des services de soins de santé ; (i) préserver la confidentialité des informations de l'usager des services de soins de santé ; et (j) nouer des relations de soutien mutuel et de collaboration avec d'autres établissements de santé et partenaires. (2) Un établissement de santé fournissant les services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée a également les obligations suivantes : (a) fournir les informations nécessaires sur les services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée ; (b) fournir les services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée. <u>Article 79 : Obligation de conserver le dossier d'un usager des services de soins de santé</u> (1) Un établissement de santé conserve le dossier d'un usager des services de soins de santé pendant au moins dix ans à
---	---	---

munsi ukoresha serivisi z'ubuvuzi aherukira guhabwa serivisi y'ubuvuzi. Icyakora, ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi zerekeye kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi ibikwa nibura igihe cy'imyaka 25 ibarwa uhereye ku munsi aherukira guhabwa serivisi y'ubuvuzi yerekeye kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga mu buvuzi.	last received healthcare service. However, a file of the user of healthcare services related to assisted reproductive technology is retained for at least 25 years from the date on which the user last received a healthcare service related to assisted reproductive technology.	compter du jour auquel l'utilisateur a reçu pour la dernière fois un service de soins de santé. Toutefois, le dossier d'un usager des services de soins de santé liés à la procréation médicalement assistée est conservé pendant au moins 25 ans à compter du jour auquel l'utilisateur a reçu pour la dernière fois un service de santé lié à la technologie de procréation assistée.
(2) Ikigo cy'ubuvuzi gishyiraho ingamba zigamije kubuza abantu batabyemerewe kugera ku ifishi y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi n'izo kuyirinda kwangirika cyangwa kubura.	(2) A healthcare facility puts in place measures to prevent unauthorised access to a healthcare service user's file and to protect it from destruction or loss.	(2) Un établissement de santé met en place des mesures de protection pour empêcher un accès non autorisé au dossier d'un usager des services de soins de santé et le préserver contre la destruction ou la perte.
<u>Ingingo ya 80: Kumenyekanisha serivisi z'ubuvuzi</u>	<u>Article 80: Marketing of healthcare services</u>	<u>Article 80 : Promotion des services de soins de santé</u>
(1) Ikigo cy'ubuvuzi gifite uburenganzira bwo kumenyekanisha serivisi z'ubuvuzi gitanga. Icyakora, kumenyekanisha serivisi z'ubuvuzi hagamijwe kwamamaza ntibyemewe.	(1) A healthcare facility has the right to market healthcare services it provides. However, marketing healthcare services for advertising purposes is prohibited.	(1) Un établissement de santé a le droit de faire la promotion des services de soins de santé fournis par lui. Toutefois, la promotion des services de soins de santé à des fins publicitaires est interdite.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ikigo cy'ubuvuzi kimenyekanisha serivisi z'ubuvuzi.	(2) An Order of the Minister determines procedures for the marketing of healthcare services by a healthcare facility.	(2) Un arrêté du Ministre détermine les modalités de promotion des services de soins de santé par un établissement de santé.

UMUTWE WA VII: UBWISHINGIZI KU MWUGA WO KUVURA	CHAPTER VII: MEDICAL PROFESSIONAL LIABILITY INSURANCE	CHAPITRE VII : ASSURANCE RESPONSABILITÉ PROFESSIONNELLE MÉDICALE
<u>Ingingo ya 81:</u> Ubwishingizi ku mwuga wo kuvura	<u>Article 81:</u> Medical professional liability insurance	<u>Article 81:</u> Assurance responsabilité professionnelle médicale
(1) Ubwishingizi ku mwuga wo kuvura hakubiyemo ubwishingizi bufatwa n'ukora umwuga wo kuvura n'ubufatwa n'ikigo cy'ubuvuzi hagamijwe kwishyura uburyozwe bukomoka kuri serivisi z'ubuvuzi zateye ingaruka ku ukoresha serivisi z'ubuvuzi.	(1) Medical professional liability insurance encompasses insurance taken out by a healthcare professional and insurance taken out by a healthcare facility to cover liability arising from healthcare services having caused harm to a healthcare service user.	(1) L'assurance responsabilité professionnelle médicale englobe l'assurance souscrite par un professionnel de santé et l'assurance souscrite par un établissement de santé pour couvrir la responsabilité découlant des services de soins de santé ayant causé un préjudice à un usager des services de soins de santé.
(2) Ukora umwuga wo kuvura afata ubwishingizi ku mwuga wo kuvura. Ubwishingizi bw'ukora umwuga wo kuvura bukubiyemo uruhare rwe n'urwo atangirwa n'umukoresha, iyo amufite.	(2) A healthcare professional takes out medical professional liability insurance. The premium for such insurance includes both the share payable by him or her and, where applicable, the share payable by his or her employer.	(2) Un professionnel de santé souscrit une assurance responsabilité professionnelle médicale. La prime afférente à cette assurance comprend à la fois la part à sa charge et, le cas échéant, la part à la charge de son employeur.
(3) Iyo ukora umwuga wo kuvura afite abakoresha barenze umwe, aho akorera hose ahafata ubwishingizi ku mwuga wo kuvura bukubiyemo uruhare rwe n'urwa buri mukoresha.	(3) When a healthcare professional has more than one employer, he or she takes out a medical professional liability insurance whose premium includes both the share payable by him or her and the share payable by each employer.	(3) Lorsqu'un professionnel de santé a plusieurs employeurs, il souscrit une assurance responsabilité professionnelle médicale dont la prime comprend à la fois la part à sa charge et la part à la charge de chaque employeur.
(4) Iteka rya Minisitiri ufite ubwishingizi mu nshingano rigena ingano y'umusanzu	(4) An Order of the Minister in charge of insurance determines the amount of the	(4) Un arrêté du Ministre ayant les assurances dans ses attributions fixe le montant de la

w'ubwishingizi utangwa n'ukora umwuga wo kuvura n'utangwa n'umukoresha. (5) Ikigo cy'ubuvuzi gifata ubwishingizi ku mwuga wo kuvura n'ubwishingizi bw'inyubako n'ibizirimo. <u>UMUTWE WA VIII: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO</u> <u>Icyiciro cya mbere: Amakosa n'ibihano</u> <u>Akicro ka mbere: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'umwuga bihabwa ukora umwuga wo kuvura</u> <u>Ingingo ya 82: Kumatanga raporo ihabwa ukoresha serivisi z'ubuvuzi ku gihe</u> Ukora umwuga wo kuvura udatanze raporo ihabwa ukoresha serivisi z'ubuvuzi ku gihe, aba akoze ikosa. Iyo bitagize ingaruka zikomeye ku ukoresha serivisi z'ubuvuzi, ukora umwuga wo kuvura ahanishwa kwihanangirizwa. Iyo bigize ingaruka zikomeye k'ukoresha serivisi z'ubuvuzi, ukora umwuga wo kuvura ahanishwa guhagarikwa by'agateganyo igihe kitari	insurance premium share payable by the healthcare professional and the amount payable by the employer. (5) A healthcare facility takes out a medical liability insurance and buildings and contents insurance. <u>CHAPTER VIII: FAULTS, OFFENCES AND SANCTIONS</u> <u>Section One: Faults and sanctions</u> <u>Subsection One: Faults and disciplinary sanctions applicable to a healthcare professional</u> <u>Article 82: Delay in providing a report intended for a healthcare service user</u> A healthcare professional who delays in providing a report intended for a healthcare service user commits a fault. If such a delay does not result in serious consequences for the healthcare service user, the healthcare professional is liable to a warning. If it results in serious consequences for the healthcare service user, he or she is liable to a temporary suspension of not less than 3 months and not	part de prime d'assurance à la charge du professionnel de santé et celle à la charge de l'employeur. (5) Un établissement de santé souscrit une assurance professionnelle médicale et une assurance bâtiments et contenu. <u>CHAPITRE VIII: FAUTES, INFRACTIONS ET SANCTIONS</u> <u>Section première: Fautes et sanctions</u> <u>Sous-section première: Fautes et sanctions disciplinaires applicables à un professionnel de santé</u> <u>Article 82: Retard dans la remise d'un rapport destiné à un usager des services de soins de santé</u> Un professionnel de santé qui accuse un retard dans la remise d'un rapport destiné à un usager des services de soins de santé commet une faute. Si ce retard n'entraîne pas de conséquences graves pour l'utilisateur des services de soins de santé, il est passible d'un avertissement. S'il entraîne des conséquences graves pour l'utilisateur des services de soins de santé, il est passible d'une suspension
---	--	--

munsi y’amezi 3 ariko kitarenze amezi 6. <u>Ingingo ya 83:</u> Kudakora inshingano zo gutanga serivisi z’ubuvuzi, kuzikora nabi cyangwa kutazikora ku gihe Ukora umwuga wo kuvura udakora inshingano ze zo gutanga serivisi z’ubuvuzi, uzikora nabi cyangwa utazikora ku gihe, aba akoze ikosa. Iyo bitagize ingaruka zikomeye ku ukoresha serivisi z’ubuvuzi, ukora umwuga wo kuvura ahanishwa kugawa. Iyo bigize ingaruka zikomeye ku ukoresha serivisi z’ubuvuzi, ukora umwuga wo kuvura ahanishwa guhagarikwa by’agateganyo igihe kitari munsi y’amezi 6 ariko kitarenze amezi 12 cyangwa gukurwa ku rutonde rw’abakora umwuga wo kuvura. <u>Ingingo ya 84:</u> Gukoresha imvugo itesha agaciro, gutuka, gusuzugura ukoresha serivisi z’ubuvuzi, kudatanga amakuru cyangwa gutanga amakuru atari yo, kugandisha undi cyangwa kwiha ububasha Ukora umwuga wo kuvura ukoze kimwe mu bikorwa bikurikira:	more than 6 months. <u>Article 83:</u> Failure to perform, poor performance or delay in the performance of healthcare service provision obligations A healthcare professional who fails to perform, performs poorly or delays in performing his or her healthcare service provision obligations commits a fault. If such a fault does not result in serious consequences for the healthcare service user, the healthcare professional is liable to a reprimand. If it results in serious consequences for the healthcare service user, he or she is liable to a temporary suspension of not less than 6 months and not more than 12 months or to removal from the register of healthcare professionals. <u>Article 84:</u> Using disparaging, insulting language, showing contempt towards a healthcare service user, failing to provide information or providing false information, discouraging another person or overstepping one’s authority A healthcare professional who commits any of the following acts:	temporaire d’au moins 3 mois, mais n’excédant pas 6 mois. <u>Article 83 :</u> Manquement à l’exécution, exécution inadéquate ou retard dans l’exécution des obligations de fourniture des services de soins de santé Un professionnel de santé qui manque à ses obligations de fourniture des services de soins de santé, les exécute d’une manière inadéquate ou accuse un retard dans leur exécution commet une faute. Si cette faute n’entraîne pas de conséquences graves pour l’usager des services de soins de santé, le professionnel de santé est passible d’un blâme. Si elle entraîne des conséquences graves pour l’usager des services de soins de santé, il est passible d’une suspension temporaire d’au moins 6 mois, mais n’excédant pas 12 mois ou d’une radiation du tableau des professionnels de santé. <u>Article 84 :</u> Usage d’un langage dénigrant, injurieux ou mépris envers un usager des services de soins de santé, manquement à fournir des informations ou fourniture de fausses informations, découragement d’autrui ou dépassement de pouvoir Un professionnel de santé qui commet l’un des actes suivants :
--	--	--

(a) ukoresheje imvugo, inyandiko cyangwa ibimenyetso bitesha agaciro, ihungabanya, utuka, cyangwa usuzugura ukoresha serivisi z'ubuvuzi;	(a) using disparaging, traumatizing language, written remarks or gestures towards a health service user, insulting or showing contempt towards him or her;	(a) usage d'un langage, de remarques écrites ou de gestes dénigrants, traumatisants, usage d'un langage injurieux ou manifestation de mépris envers un usager des services de soins de santé ;
(b) udatanze amakuru cyangwa utanze amakuru atariyo mu bijyanye n'umwuga wo kuvura hakurikijwe amategeko abigenga;	(b) failing to provide information or providing false information in connection with the healthcare profession, in accordance with relevant laws;	(b) manquement à fournir des informations ou fourniture de fausses informations en lien avec la profession de santé, conformément à la législation en la matière ;
(c) ugandishije ukora umwuga wo kuvura kugira ngo ateshuke ku nshingano ze mu gutanga serivisi z'ubuvuzi;	(c) discouraging a healthcare professional, which results in his or her failure to meet his or her healthcare service provision obligations; or	(c) découragement d'un professionnel de santé, conduisant à son manquement à ses obligations de fourniture des services de soins de santé ; ou
(d) cyangwa yihaye ububasha bwo gutanga serivisi z'ubuvuzi zirenze izo yemerewe gutanga atabifitiye ubushobozi cyangwa atabiherewe uburenganzira bwihariye;	(d) overstepping his or her authority, by providing healthcare services beyond his or her authorised scope of practice, without the necessary credentialing or privileges;	(d) dépassement de pouvoir, en fournissant des services de soins de santé au-delà de son champ d'exercice autorisé, sans accréditation ou privilèges nécessaires ;
aba akoze ikosa. Iyo bitagize ingaruka zikomeye ku ukoresha serivisi z'ubuvuzi, ukora umwuga wo kuvura ahanishwa guhagarikwa by'agateganyo mu gihe kitari munsu y'ukwezi 1 ariko kitarenze amezi 3 adakora umwuga wo kuvura. Iyo bigize ingaruka zikomeye ku ukoresha serivisi z'ubuvuzi, ukora umwuga wo kuvura ahanishwa guhagarikwa by'agateganyo mu	commits a fault. If such a fault does not result in serious consequences for the healthcare service user, the healthcare professional is liable to a temporary suspension of not less than 1 month and not more than 3 months. If it results in serious consequences for the healthcare service user, he or she is liable to a temporary suspension from the practice of the healthcare profession for a period of 6 months.	commet une faute. Si cette faute n'entraîne pas de conséquences graves pour l'utilisateur des services de soins de santé, il est passible d'une suspension temporaire d'au moins 1 mois, mais n'excédant pas 3 mois. Si elle entraîne les conséquences graves pour l'utilisateur des services de soins de santé, il est passible d'une suspension temporaire de l'exercice de la profession de santé pour une durée de 6 mois.

gihe cy'amezi 6 adakora umwuga wo kuvura. <u>Ingingo ya 85:</u> Guhimba inyandiko, gusiba cyangwa kwangiza amakuru y'ukoresha serivisi z'ubuvuzi Ukora umwuga wo kuvura ukoze kimwe mu bikorwa bikurikira : (a) guhimba inyandiko zijyanye n'ukoresha serivisi z'ubuvuzi; (b) kwangiza cyangwa gusiba amakuru yerekeye ukoresha serivisi z'ubuvuzi ajyanye n'umwuga wo kuvura; aba akoze ikosa. Iyo bitagize ingaruka zikomeye ku ukoresha serivisi z'ubuvuzi, ukora umwuga wo kuvura ahanishwa guhagarikwa mu gihe kitari muni y'amezi 3 ariko kitarenze amezi 6. Iyo bigize ingaruka zikomeye ku ukoresha serivisi z'ubuvuzi, ukora umwuga wo kuvura ahanishwa kuvanwa ku rutonde rw'abagize urugaga rw'abakora umwuga wo kuvura.	<u>Article 85:</u> Creating forged documents, erasing or tampering with information about a healthcare service user A healthcare professional who commits any of the following acts: (a) creating forged documents related to a healthcare service user; (b) tampering with or erasing information about a healthcare service user in connection with the healthcare profession; commits a fault. If such a fault does not result in serious consequences for the healthcare service user, the healthcare professional is liable to a temporary suspension of not less than 3 months and not more than 6 months. If it results in serious consequences for the healthcare service user, he or she is liable to removal from the register of members of the healthcare professional council.	<u>Article 85 :</u> Création de faux documents, effacement ou falsification d'informations concernant un usager des services de soins de santé Un professionnel de santé qui commet l'un des actes suivants : (a) création de faux documents relatifs à un usager des services de soins de santé ; (b) falsification ou effacement d'informations concernant un usager des services de soins de santé en lien avec la profession de santé ; commet une faute. Si cette faute n'entraîne pas de conséquences graves pour l'utilisateur des services de soins de santé, il est passible d'une suspension temporaire d'au moins 3 mois, mais n'excédant pas 6 mois. Si elle entraîne des conséquences graves pour l'utilisateur des services de soins de santé, il est passible de radiation du tableau des membres de l'ordre professionnel de santé.
--	---	---

<u>Ingingo ya 86:</u> Guhamywa n’urukiko icyaha gikomeye cyangwa icyaha cy’ubugome Ukora umwuga wo kuvura uhamijwe n’urukiko icyaha gikomeye cyangwa icyaha cy’ubugome akurwa ku rutonde rw’abakora umwuga wo kuvura. <u>Akicro ka 2:</u> Amakosa n’ibihano byo mu rwego rw’ubutegetsi bihabwa ikigo cy’ubuvuzi <u>Ingingo ya 87:</u> Gukoresha ukora umwuga wo kuvura udafite uruhushya rwo gukora umwuga wo kuvura Ikigo cy’ubuvuzi gikoresha ukora umwuga wo kuvura udafite uruhushya rwo gukora umwuga wo kuvura kiba gikoze ikosa, iyo ari – (a) ikigo cy’ubuvuzi kiri ku rwego rw’ibigo by’ubuvuzi bitanga serivisi z’ubuvuzi bw’ibanze, gihanishwa kwihanangirizwa no gutanga ihazabu ya FRW 500.000; (b) ikigo cy’ubuvuzi kiri ku rwego rw’ibigo by’ubuvuzi bitanga serivisi z’ubuvuzi bwisumbuye,	<u>Article 86:</u> Conviction for misdemeanour or felony A healthcare professional who is convicted of misdemeanour or felony is removed from the register of healthcare professionals. <u>Subsection 2:</u> Faults and administrative sanctions applicable to a healthcare facility <u>Article 87:</u> Employment of a healthcare professional with no license to practice the healthcare profession A healthcare facility that employs a healthcare professional with no license to practice the healthcare profession commits a fault, and is – (a) in the case of a healthcare facility falling under the level of healthcare facilities providing primary healthcare services, liable to a warning and a fine of FRW 500,000; (b) in the case of a healthcare facility falling under the level of healthcare facilities providing secondary	<u>Article 86 :</u> Condamnation pour délit ou crime Un professionnel de santé reconnu coupable d’un délit ou d’un crime est radié du tableau des professionnels de santé. <u>Sous-section 2 :</u> Fautes et sanctions administratives applicables à un établissement de santé <u>Article 87 :</u> Emploi d’un professionnel de santé sans licence d’exercice de la profession de santé Un établissement de santé qui emploie un professionnel de santé sans licence d’exercice de la profession de santé commet une faute, et est – (a) dans le cas d’un établissement de santé relevant du niveau des établissements de santé offrant des services de soins de santé primaires, passible d’un avertissement et d’une amende de 500.000 FRW ; (b) dans le cas d’un établissement de santé relevant du niveau des établissements de santé offrant des services de soins de santé
--	--	--

gihanishwa kwihanangirizwa no gutanga ihazabu ya FRW 1.000.000; (c) cyangwa ikigo cy'ubuvuzi kiri ku rwego rw'ibigo by'ubuvuzi bitanga serivisi z'ubuvuzi bw'ikirenga, gihanishwa kwihanangirizwa no gutanga ihazabu ya FRW 2.000.000. <u>Ingingo ya 88:</u> Kudahagarika ukora umwuga wo kuvura udafite uruhushya rwo gukora umwuga wo kuvura Iyo ikigo cy'ubuvuzi cyahanwe kubera gukoresha ukora umwuga wo kuvura udafite uruhushya rwo gukora umwuga wo kuvura ntikimuhagarike, kiba gikoze ikosa, iyo ari – (a) ikigo cy'ubuvuzi kiri ku rwego rw'ibigo by'ubuvuzi bitanga serivisi z'ubuvuzi bw'ibanze, gihanishwa kugawa no gutanga ihazabu ya FRW 1.000.000; (b) ikigo cy'ubuvuzi kiri ku rwego rw'ibigo by'ubuvuzi bitanga serivisi z'ubuvuzi bwisumbuye, gihanishwa kugawa no gutanga ihazabu ya FRW 2.000.000;	healthcare services, liable to a warning and a fine of FRW 1,000,000; or (c) in the case of a healthcare facility falling under the level of healthcare facilities providing tertiary healthcare services, liable to a warning or a fine of FRW 2,000,000. <u>Article 88:</u> Failure to suspend a healthcare professional with no license to practice the healthcare profession A healthcare facility that has been sanctioned for employing a healthcare professional with no license to practice the healthcare profession and fails to suspend him or her commits a fault, and is – (a) in the case of a healthcare facility falling under the level of healthcare facilities providing primary healthcare services, liable to a reprimand and a fine of FRW 1,000,000; (b) in the case of a healthcare facility falling under the level of healthcare facilities providing secondary healthcare services, liable to a reprimand and a fine of FRW 2,000,000; or	secondaires, passible d'un avertissement et d'une amende de 1.000.000 FRW ; ou (c) dans le cas d'un établissement de santé relevant du niveau des établissements de santé offrant des services de soins de santé tertiaires, passible d'un avertissement et d'une amende de 2.000.000 FRW. <u>Article 88:</u> Défaut de suspension d'un professionnel de santé sans licence d'exercice de la profession de santé Un établissement de santé qui a été sanctionné pour emploi d'un professionnel de santé sans licence d'exercice de la profession de santé et qui omet de suspendre ce dernier commet une faute, et est – (a) dans le cas d'un établissement de santé relevant du niveau des établissements de santé offrant des services de soins de santé primaires, passible d'un blâme et d'une amende de 1.000.000 FRW ; (b) dans le cas d'un établissement de santé relevant du niveau des établissements de santé offrant des services de soins de santé secondaires, passible d'un blâme et d'une amende de 2.000.000 FRW ; ou
--	---	--

(c) cyangwa ikigo cy'ubuvuzi kiri ku rwego rw'ibigo by'ubuvuzi bitanga serivisi z'ubuvuzi bw'ikirenga, gihanishwa kugawa no gutanga ihazabu ya FRW 4.000.000. <u>Ingingo ya 89:</u> Gutanga serivisi z'ubuvuzi ikigo cy'ubuvuzi kitemerewe, gukorera ku ruhushya rutagifite agaciro cyangwa gukora ibikorwa by'uburiganya Ikigo cy'ubuvuzi gitanga serivisi z'ubuvuzi kitemerewe, gukorera ku ruhushya rutagifite agaciro cyangwa gikora ibikorwa by'uburiganya, kiba gikoze ikosa, iyo ari – (a) ikigo cy'ubuvuzi kiri ku rwego rw'ibigo by'ubuvuzi bitanga serivisi z'ubuvuzi bw'ibanze, gihanishwa gutanga ihazabu ya FRW 5.000.000; (b) ikigo cy'ubuvuzi kiri ku rwego rw'ibigo by'ubuvuzi bitanga serivisi z'ubuvuzi bwisumbuye, gihanishwa gutanga ihazabu ya FRW 10.000.000; (c) cyangwa ikigo cy'ubuvuzi kiri ku rwego rw'ibigo by'ubuvuzi bitanga	(c) in the case of a healthcare facility falling under the level of healthcare facilities providing tertiary healthcare services, liable to a reprimand and a fine of FRW 4,000,000. <u>Article 89:</u> Provision of healthcare services for which a healthcare facility is not licenced, operation under an expired licence, or engagement in fraudulent activities A healthcare facility that provides healthcare services for which it is not licensed, operates under an expired licence, or engages in fraudulent activities commits a fault, and is – (a) in the case of a healthcare facility falling under the level of healthcare facilities providing primary healthcare services, liable to a fine of FRW 5,000,000; (b) in the case of a healthcare facility falling under the level of healthcare facilities providing secondary healthcare services, liable to a fine of FRW 10,000,000; or (c) in the case of a healthcare facility falling under the level of healthcare facilities	(c) dans le cas d'un établissement de santé relevant du niveau des établissements de santé offrant des services de soins de santé tertiaires, passible d'un blâme et d'une amende de 4.000.000 FRW. <u>Article 89 :</u> Fourniture des services de soins de santé pour lesquels un établissement de santé n'a pas de licence, exercice avec une licence expirée ou engagement dans des activités frauduleuses Un établissement de santé qui fournit les services de soins de santé pour lesquels il n'a pas de licence, exerce avec une licence expirée ou s'engage dans des activités frauduleuses commet une faute, et est – (a) dans le cas d'un établissement de santé relevant du niveau des établissements de santé offrant des services de soins de santé primaires, passible d'une amende de 5.000.000 FRW ; (b) dans le cas d'un établissement de santé relevant du niveau des établissements de santé offrant des services de soins de santé secondaires, passible d'une amende de 10.000.000 FRW ; ou (c) dans le cas d'un établissement de santé relevant du niveau des établissements de
---	--	--

